Child Rights Coalition

UMWANA KU ISONGA

# GAHUNDA NYAFURIKA Y'ABANA KUGEZA 2040.

## AFURIKA IBEREYE ABANA



KAMENA 2021

Aka gatabo kateguwe na Coalition Umwana ku Isonga (CUI)
ku bufatanye na Save the children International ku nkunga
y'ikigega cy'iterambere cya Suede (**Sida**).



Umwanakuisonga
Umwanakuisonga
www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com
+250 788319614

# IJAMBO RY'IKAZE



Basomyi b'aka gatabo abana by'umwihariko, Turabaramukije kandi tubifurije Amahoro y'Imana.

Coalition Umwana ku Isonga, ni Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta, ryashinzwe mu mwaka wa 2010; ukaba ari umuryango wemewe n'amategeko y'u Rwanda ufite icyemezo No 219/RGB/NGO/LP/04/2018. Ryashyizweho mu rwego rwo gukora ubuvugizi no guteza imbere uburenganzira bw'umwana mu Rwanda.

Ibi bigakorwa hashingiwe ku biteganywa mu Masezerano Mpuzamahanga y'Uburenganzira bw'Umwana n'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho Myiza by'Umwana, yashyizweho umukono ndetse anemezwa na Leta y'u Rwanda. Coalition Umwana ku Isonga ifite icyicaro mu mujyi wa Kigali, Akarere ka Gasabo, Umurenge wa Remera, Akagari ka Rukiri II.

Coalition Umwana ku Isonga ifite intego n'icyerekezo cyo gukora ubuvugizi , bishimangira ko abana bose, abahungu n'abakobwa babaho mu mudendezo, aho uburenganzira n'inshingano byabo byubahirizwa nta nkomyi bazira ivangura iryo ari ryo ryose. Ibi bigashingira kandi ku guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana hakoreshejwe ubuvugizi bukorewe hamwe, bikorwa kandi binyuze mu buryo bunyuranye, burimo no gufasha abana n'abantu bakuru b'ingeri zitandukanye kumenya ibiteganywa muri aya masezerano yavuzwe hejuru.

Afurika iri guhinduka igana mu nzira nziza kurushaho. Izi mpinduka zishingiye kuri Gahunda y'umuryango wa Afurika Yunze ubumwe (AU) yo kugera mu 2063. Kubera ko ibikubiye muri iyi Gahunda ya 2063 bitagererwaho icyarimwe, urubyiruko ndetse n'abana by'umwihariko, bagomba kuba umuyoboro w'ubuzima bushya bwa Afurika. Binyuze muri Gahunda Nyafurika y'Abana kugeza 2040, kurinda iterambere ry'ejo hazaza, kubana mu mahoro n'imibereho myiza biri mu biganza byabo. Kugira ngo impinduka za Afurika zibe mu biganza by'urubyiruko, hakenewe kubaha amahirwe yo kugaragaza ibyo bashoboye hubahirizwa uburenganzira bwabo. Iyi Gahunda Nyafurika y'Abana , igaragaza ibyifuzo icumi bigomba kuba byaragezweho muri 2040.

Ni muri urwo rwego, Coalition Umwana ku Isonga inejejwe no kubagezaho mu rurimi rw'Ikinyarwanda ibikubiye muri ibyo byifuzo icumi, nk'uko byateguwe na Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imirebeho myiza by'Umwana.

Mugire Amahoro.

SEKANYANGE Jean Leonard
UMUYOBOZI WA COALITION UMWANA KU ISONGA


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

# GAHUNDA 2040

## AMAVU N'AMAVUKO Y'IYI GAHUNDA

Afurika irimo guhinduka igana mu nzira nziza kurushaho. Izi mpinduka zishingiye kuri Gahunda y'umuryango wa Afurika Yunze ubumwe (AU) yo kugera mu 2063. Kubera ko ibikubiye muri iyi Gahunda ya 2063 bitagererwaho icyarimwe, urubyiruko ndetse n'abana by'umwihariko, bagomba kuba umuyoboro w'ubuzima bushya bwa Afurika. Kurinda iterambere ry'ejo hazaza, kubana mu mahoro n'imibereho myiza biri mu biganza byabo. Kugira ngo impinduka za Afurika zibe mu biganza by'urubyiruko, hakenewe kubaha amahirwe yo kugaragaza ibyo bashoboye hubahirizwa uburenganzira bwabo.

### Gahunda ya 2063 'Afurika twifuza' yerekana 'ibyifuzo' bikurikira :

Afurika iteye imbere ishingiye ku iterambere ridaheza kandi rirambye;
Umugabane ushyize hamwe , wunze ubumwe mu bya politiki, ushingiye ku bitekerezo bya "PanAfricanism" n'icyerekezo cyo kongera kwivugurura kwa Afurika;
Afurika ishingiye ku miyoborere myiza, demokarasi, kubahiriza uburenganzira bwa muntu, ubutabera n'ubuyobozi bushingiye ku mategeko
Afurika irangwa n'amahoro n'umutekano;
Afurika ikomeye ku muco, umurage uhuriweho, indangagaciro n'imyitwarire iboneye;
Afurika ifite iterambere n'ubushobozi bishingiye ku Banyafurika, cyane cyane abagore n'urubyiruko, no kwita ku bana;
Afurika ikomeye, yunze ubumwe, yihangana kandi ifite ijambo ndetse ifatwa nk'umufatanyabikorwa mu ruhando mpuzamahanga.

Kugeza 2015, nyuma y'imyaka 25 uhereye ku nama y'Inteko rusange y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma ya Afrika yunze Ubumwe, yemeje Amasezerano Nyafurika ku Uburenganzira n'Imibereho myiza y'Umwana ku ya 1 Kamena 1990. Iyi yabaye intambwe yo gutekereza ku bimaze kugerwaho mu gihe kingana n'imyaka 25 ndetse no kumenya ibibazo bitarakemurwa no gutegura ahazaza.
Nubwo hari byinshi byagezweho hagati ya 1990 na 2015, haracyari ibyo gukorwa. Mu myaka 25 ishize uhereye mu 1990 kugeza mu 2015, Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho Myiza by'Umwana yaje kwemezwa nk'amasezerano y'ingenzi yerekeye abana ku Umugabane wa Afurika. Kugera mu Ukuboza 2015, yari amaze gusinywa no kwemezwa n'ibihugu 47 binyamuryango bya Africa yunze Ubumwe.

Ukwemezwa kw'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana byagiye biba mu byiciro. Kugira ngo atangire gukurikizwa, byasabaga kubanza kwemezwa n'ibihugu 15,


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

ibyo bikaba byaragezweho nyuma y'imyaka icumi, ku wa 29 Ugushyingo 1999. Mu mpera z'imyaka icumi ya mbere (1990-1999), Ibihugu 16 byemeje aya masezerano; mu mpera z'imyaka icumi ya kabiri (2000-2009), ibindi bihugu 29 byari byiyongereyeho; mu myaka itanu ishize (2010-2015), Ibihugu bibiri gusa nibyo byiyongereye kuri uru rutonde. Mu ntangiriro z'ikinyagihumbi gishya, mu 2000, aya Masezerano yemejwe n'umubare munini w'Ibihugu bitandatu mu mwaka umwe. Kwemezwa byihuse n'Ibihugu muri kiriya gihe byahuriranye n'inzibacyuho y'umuryango w'ubumwe bw'Afurika (OAU) yaganishaga ku guhinduka Afurika yunze Ubumwe (AU). Ibihugu birindwi bitaraba ibinyamuryango ku buryo bwuzuye, byibuze byashyize umukono ku Masezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana.
Mu gushyira umukono kuri aya Amasezerano, byagaragaje ko byiteguye guhuza intego zayo.

Ishyirwaho ry'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana n'umuvuduko yemerejweho byahinduye bidasubirwaho ishingiro ry'uburyo inzego n'ibihugu bigize umuryango byafataga abana. Mu Masezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'umwana, abana ntibagifatwa nk'abakwiriye kugirirwa impuhwe, ahubwo hemeranijwe ko bafite uburenganzira bwabo. Uku gusobanukirwa umwana, cyane cyane umwana w'umukobwa, byahuye n'inzitizi z'abagitsimbaraye ku mitekerereze gakondo ishyira imbere umugabo ndetse n'abagifata umwana nk'umuntu uciriritse mu muryango mugari. Nubwo hari abagifite iyi mitekerereze, aya masezerano yazanye impinduka ku buryo abana bafatwa ku mugabane wa Afurika.

Hamwe n'izi mpinduka zerekeza ku kwemera abana nk'icyiciro gifite uburenganzira bwihariye, byatumye ibihugu bimenya ko bifite inshingano zo kubahiriza ubwo burenganzira. Kuba hari ibyo Leta igomba gukora bishingiye ku bufatanye hagati y'abafite uburenganzira n'abafite inshingano zo kubusigasira. Aya Masezerano yabaye ishingiro ku byo ibihugu bikwiye kuba bikora mu byerekeranye no guha umwana umwanya ukwiye.

Kugeza mu mwaka wa 2015, Ibihugu bine byarifashe ku ngingo zimwe z'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana. Botswana ntabwo yo yemeranywa n'ingingo ya 2, ivuga ko imyaka y'ubukure ari 18, bikaba bitandukanye n'ibiteganywa mu Masezerano Mpuzamahanga y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana (UN CRC).

Sudani ntiyemeranywa n'ingingo ya 21 (2), iteganya ivanwaho ry'ishyingirwa ry'abana, kandi yifashe ku ngingo irebana n'uburenganzira ku burezi bw'abakobwa batwite (ingingo ya 11 (6)) n'irebana no kugirirwa ibanga (ingingo ya 10). Misiri yifashe ku bijyanye no kubera umubyeyi umwana utaramubyaye; N'uburenganzira bw'abana babana na ba nyina bafunze muri za gereza (ingingo ya 24 n'iya 30). Mauritania yifashe ku ngingo irebana n'uburenganzira bwo kwihitiramo idini (ingingo ya 9).

Ku bijyanye n'uburyo bw'imikorere, Misiri yarifashe ku byerekeye ubushobozi bwa Komite Nyafurika y' Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'umwana ingingo ya 44 ivuga ku


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

kwakira ibirego no gukora iperereza mu ngingo ya 45 (1). Muri ibyo bihugu bine byose bikaba byaremeje amasezerano yombi yaba Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana ndetse n'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana; mu kwemeza Amasezerano Nyafurika ,bitatu muri byo (Botswana, Misiri na Mauritania) byongeye kwifata ku ngingo byari byashingiyeho ukwifata kwabyo igihe byemezaga Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye. Igihugu cya Misiri cyakuyeho ukwifata cyari cyagize ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana.

Mu gihe umubare munini w'ibihugu bya Afrika ku ikubitiro wari wifashe ku ngingo zimwe igihe byemezaga Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana; Mu 2015, Ibihugu nka Djibouti, Misiri, Ibirwa bya Maurice na Tuniziya (ku rugero runini) byari bimaze gukuraho uku kwifata, hasigara ibigifite ukwifata ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganizra bw'Umwana: Botswana, Mali, Mauritania, Somaliya na Tuniziya (nabwo mu buryo bworoheje).

Nk'uko biteganywa n'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, igizwe n'abantu 11, yashyizweho nk'urwego rw'ubugenzuzi kugirango rukurikirane Ishyirwa mu bikorwa ry'ibiteganywa muri ayo masezerano. Bigendeye ku nshingano za Komisiyo nyafurika ishinzwe uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage (Komisiyo Nyafurika), Komite Nyafurika y'Impuguke ikora imirimo yayo y'ubugenzuzi, isuzuma raporo z'Ibihugu, basuzuma ibirego by'abantu ku giti cyabo ndetse bakanakora n'amaperereza.Bitandukanye na Komite y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana isuzuma gusa raporo zatanzwe n'Ibihugu, Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana iteganya gukora ubugenzuzi butunguranye ku ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana. Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana yateranye bwa mbere muri 2002. Ku ikubitiro iyi komite mu myaka yayo ya mbere yakoraga itazwi, idafite ubushobozi buhagije, idafite ubunyamabanga bukora neza bigatuma imirimo yayo igenda gake kugeza aho hashyizweho Umunyamabanga wayo wa mbere muri 2007. Kuva icyo gihe, iyi Komite yakoranye umwete, ikorera mu nzego za Afrika yunze ubumwe kugirango igire ububasha bwemewe n'amategeko nk'urwego rw'ibanze rushinzwe uburenganzira bw'abana.

Ibihugu byose bya Afurika bigize Umuryango w'Abibumbye byemeje Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana, na ho 47 muri byo bikaba byaremeje Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana. Muri ibi bihugu 47, 11 (Benin, Botswana, Burundi, Cape Verde, Djibouti, Gineya ya Ekwatoriya, Gambiya, Gineya-Bissau, Seychelles, Swaziland na Zambiya) ntibiratanga raporo zabyo kuri Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho by'Umwana. Ariko nanone, ibyo bihugu byose byatanze byibuze raporo z'ibanze kuri Komite y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana. Aya makuru agaragaza uburyo ibihugu biha agaciro cyane Komite y'Umuryango w'Abibumbye kurusha Komite Nyafurika y'Im-

puguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana .

Hejuru y'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana (ndetse n' Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana), hari andi masezerano ateganywa na Afurika yunze Ubumwe n'andi mpuzamahanga y'ingenzi afitiye akamaro kanini abana, kandi akaba yuzuzanya Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana. Azwi cyane akaba ari na yo yabimburiye ayandi, ni Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira bwa muntu n'ubw'Abaturage, akaba akubiyemo uburenganzira bwa muntu, harimo n'abana.

Amasezerano Nyafurika y'Urubyiruko, yatangiye gukurikizwa mu 2009 kandi afite umumaro wihariye. Gahunda 2063 (igika cya 54) iteganya ko urubyiruko rwa Afurika ruhabwa ubushobozi mu mibereho, mu bukungu no muri politiki binyuze mu ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano Nyafurika y'Urubyiruko . Urubyiruko rusobanurwa nk'abantu bari hagati y'imyaka 15 na 35. Umuto mu 'rubyiruko' n'umukuru mu bana '(abafite hagati y'imyaka 15 na 18), biragaragara rero ko barebwa n'ibikubiye muri aya masezerano yombi. Tugarutse ku bikenewe n'urubyiruko kuri uyu mugabane, Amasezerano Nyafurika y'Urubyiruko areba cyane ibibazo bijyanye no guteza imbere ubumenyi no gutanga akazi mu rubyiruko, bitavuzweho mu Masezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana. Bityo rero, ku bifitiye umumaro abana, Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, ishobora kwifashisha Amasezerano Nyafurika y'Urubyiruko. Nta rwego rushinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano Nyafurika y'Urubyiruko. Ikigeretse kuri ibyo,ingingo ziteganywa muri ayo Masezerano Nyafurika y'Urubyiruko, zishobora kuba ishingiro ry'ibirego bitangwa muri Komisiyo Nyafurika no mu Rukiko Nyafurika rw'Uburenganzira bwa Muntu, cyangwa se muri Komite y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana.

Amasezerano y'inyongera ku Masezerano Nyafurika ku Burenganzira bw'Abagore (Amasezerano y'i Maputo) yuzuzanya n'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho Myiza by'Umwana mu gusobanura uburenganzira bw'abagore n'abakobwa. Mu ngingo ya 1 (k), 'abagore' basobanurwa nk 'abantu b'igitsina gore, harimo n'abakobwa; Niyo mpamvu Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira bw'Abagore atareba gusa ku burenganzira bw'abagore bari hejuru y'imyaka 18, ahubwo areba n'ubw'abakobwa. Nubwo aya masezerano atajya koresha ijambo 'Umukobwa' cyangwa 'umwana w'umukobwa, bumwe mu burenganzira biragaragara ko bureba n'iki cyiciro. Ingero ni nk'aho bavuga ko imyaka y'ifatizo yo gushyingirwa ku bagore ari 18 (ingingo ya 6 (b) y'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira bw'Abagore); ndetse no kurwanya imigenzo mibi ishingiye ku muco, urugero nko gukata imyanya ndangagitsina y'abagore (ingingo ya 5 y'ayo Masezerano y'inyongera).

Usibye kwemeza Amasezerano Nyafurika y'Urubyiruko n'Amasezerano y'inyongera ku Masezerano Nyafurika ku Burenganzira bw'Abagore, Ibihugu by'Afurika bigomba kwemeza, kwinjiza mu

mategeko yabyo no guha agaciro amasezerano akurikira:

- Amasezerano ya Afurika yunze Ubumwe yo kurinda no gufasha abakuwe mu byabo imbere mu gihugu;
- Amasezerano y'Umuryango Mpuzamahanga w'umurimo yerekeye imirimo mibi ikoreshwa abana (Amasezerano 182);
- Amasezerano y'Umuryango Mpuzamahanga w'umurimo ku myaka y'ifatizo yo kwinjira mu kazi (Amasezerano 138);
- Amasezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira bw'Abafite Ubumuga;
- Amasezerano y'Inyongera ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana ku igurishwa, ikoreshwa mu buraya n'ikoreshwa mu mashusho y'urukozasoni ku bana;
- Amasezerano y'Inyongera ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana yerekeranye n'ikoreshwa ry'abana mu ntambara;
- Amasezerano y'inyongera ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana yerekeranye n'uburyo bwo gutanga ibirego (Komite y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana ishobora kwakira ibirego gusa byerekeye Ibihugu byamaze kwemeza aya Masezerano y'inyongera; Muri 2015, Ibihugu 20 nibyo byari bimaze kuyemeza, muri byo harimo kimwe cyo muri Afurika (Gabon);
- Amasezerano y'i La Haye yerekeye kurengera abana n'ubufatanye mu kubahiriza ibijyanye no kubera umubyeyi umwana utaramubyaye hagati y'Ibihugu.
- Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo mu 1954 yerekeye Abantu batagira Ubwenegihugu
- Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo mu 1961 yerekeye gukumira ukutagira ubwenegihugu

## INTANGIRIRO KURI GAHUNDA

Duhereye kuri aya mavu n'amavuko, Gahunda ya Afrika ku bana: Kwimakaza Afurika ibereye abana; ishingiye ku cyerekezo cya Gahunda 2063 hitawe ku bana. Muri uwo mujyo, iyi Gahunda ifasha kumenya neza ibikubiye muri Gahunda 2063 (igika cya 53)kivuga ko 'Abana b'Abanyafurika bazaba baritaweho binyuze mu ishyirwa mu bikorwa ryuzuye ry'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana. Niba iki gisekuru cy'Abanyafurika kiriho ubu kitaye ku bana uko bikwiye, bizafasha gutera imbere ku umugabane no gusigasira ejo hawo hazaza .

Mu gusuzuma no gushyira imbere imigambi y'ahazaza, iyi nyandiko itegura gahunda ya Afrika ku bana mu myaka 25 iri imbere hashingiwe ku masomo twakuye mu myaka 25 ishize. Bitarenze 2040, uburenganzira bw'abana ba Afurika bugomba kurengerwa byimazeyo, hitabwa ku byihutirwa muri iyi Gahunda. Iyi niyo Afrika twifuza.


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

Iyi Gahunda yubakiye ku mategeko na za politiki bisanzweho, muri byo hakaba harimo:

- Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana;
- Komisiyo ya Afurika yunze Ubumwe (Ishami rishinzwe ibibazo bya politiki) n'Ingamba z'Uburenganzira bwa Muntu muri Afurika;
- Igenamigambi (2015-2019) rya Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana;
- Itangazo rya Abuja na gahunda y'ibikorwa kuri Virusi itera SIDA,indwara ya SIDA, Igituntu n'izindi ndwara bijyanye zandura ; (2001);
- Itangazo rya Afurika ibereye umwana na gahunda y'ibikorwa (2001);
- Gusaba kwihutisha ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa yerekeye Afurika ibereye abana (2008-2012);
- Gahunda y'ikurikirana n'isuzumabikorwa iganisha ku iterambere rya Afurika ibereye abana (Ishami rishinzwe Imibereho myiza);
- Urwego Rushinzwe Politiki y'Imibereho Myiza y'Afurika yunze Ubumwe (2008);
- Imyanzuro ya Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana;
- Ibisobanuro byimbitse bya Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana;
- Intego z'ikinyagihumbi (MDGs);
- Intego z'iterambere rirambye (SDGs);
- Raporo ya Afurika ku mibereho myiza y'abana (2013) yakozwe n'Ihuriro Nyafurika rya Politiki irengera Umwana,
- Raporo ku mibereho y'abana ku Isi (2015) yakozwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku bana (UNICEF);
- Ingamba Nyafurika ku Buzima (2016-2030) z'Ishami rya Afurika yunze Ubumwe rishinzwe Imibereho Myiza.

Iyi Gahunda, nyuma y'isobanurampamvu no guhuza ibibazo bihari n'umwihariko wabyo; igaragaza ibyifuzo icumi, bigomba kuba byaragezweho muri 2040. Ikurikizaho kandi kugaragaza intambwe z'ingenzi zigomba guterwa n'Ibihugu mu myaka itanu ya mbere igize gahunda yose y'imyaka 25 iri imbere.

## Ibyo byifuzo 10 ni ibi bikurikira:

Icyifuzo cya 1: Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, nk'uko akurikiranwa na Komite y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, agaragaza uburyo bukwiye bwo guteza imbere uburenganzira bwabo ku mugabane wa Afurika.

Icyifuzo cya 2: Amategeko, politiki n'inzego bibereye abana biriho mu bihugu byose byemeje aya masezerano.


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

Icyifuzo cya 3: Buri mwana wese uvutse n'indi mibare y'ingenzi ku buzima bw'umwana biranditswe.

Icyifuzo 4: Buri mwana afite uburenganzira bwo kubaho no kugira ubuzima bwiza

Icyifuzo cya 5: Umwana wese akura abona indyo yuzuye kandi afite iby'ibanze mu buzima

icyifuzo cya 6: Buri mwana agomba kubona uburezi bufite ireme

icyifuzo cya 7: Buri mwana wese arinzwe ihohoterwa, gushakirwaho indonke, no gutereranwa

icyifuzo cya 8: Abana bahabwa umwihariko mu mikorere y'ubutabera mpanabyaha.

icyifuzo cya 9: Buri mwana arinzwe ingaruka z'intambara n'ibiza

icyifuzo cya 10: Ibitekerezo by'abana b'Abanyafurika bifite agaciro

Ibi byifuzo biherekejwe n'ibice bibiri:
Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi Gahunda; ndetse
Ikurikirana n'isuzumabikorwa by'iyi Gahunda

## Icyifuzo cya 1

Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, nk'uko akurikiranwa na Komite y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, agaragaza uburyo bukwiye bwo guteza imbere uburenganzira bwabo ku mugabane wa Afurika.

Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana niyo Masezerano y'umwihariko ya Afurika yunze Ubumwe ku burenganzira bw'umwana. Kugeza muri 2016, yari amaze kwemezwa n'Ibihugu 47 binyamuryango bya Afurika Yunze Ubumwe . Nkuko biteganijwe mu Masezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana (mu ngingo ya 42 kugeza 45 zayo), Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana igenzura uburyo Ibihugu biyashyira mu bikorwa, isuzuma raporo za Leta, yakira ibirego by'abantu ku giti cyabo ikanakora amasuzuma yimbitse. Kuva itangiye gukora muri 2002, Komite imaze gusuzuma no kwemeza imyanzuro kuri raporo zigera kuri 18. Muri 2014, umubare munini w'Ibihugu byatanze raporo zigaragaza impinduka zikomeye ku ruhare rwabyo mu iyubahirizwa ry'amasezerano, zanatumye Komite imenyekana. Kuva 2016, mu Bihugu 47 byemeje aya Masezerano, 11 muri byo ntibyigeze bitanga raporo zabyo kuri Komite . Ariko nanone, ibyo Bihugu byose byari byaratanze raporo z'ibanze kuri Komite y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana. Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana yari imaze gusesengura


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

ibirego bitatu byonyine. Yakoreye kandi ubutumwa bw'akazi mu bihugu bitandukanye, harimo na Tanzaniya igamije gukora ubugenzuzi ku bivugwa ku ihohoterwa rikorerwa abana bafite ubumuga bw'uruhu.

## Bitarenze mu 2040:

Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana agomba kuba yarinjijwe mu mategeko ibihugu bigenderaho yanashyizwe mu bikorwa ku mugabane wose. Komite y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana igomba kuba izwi nk'Urwego rw'ingenzi mu bijyanye no kurengera no guteza imbere uburenganzira bw'umwana ku mugabane.
Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana agomba kuba yaremejwe ku mugabane wose ndetse nta gihugu na kimwe cyagize ingingo cyifataho.
Ibihugu byose byemeje aya Masezerano bigomba kuba bitanga raporo ku buryo buhoraho kuri Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana.
Raporo n'ibirego bitangwa na Leta bigomba kuba ari uburyo bwiza bwo gusobanukirwa uburenganzira bw'abana na Leta zizi inshingano zifite zijyanye n'uburenganzira bw'abana.

Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana igomba kuba ifata Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana nk'inyandiko y'umwihariko bishingiye ku nyungu zihariye z'abana.
Amahame n'ingingo z'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'imibereho myiza by'umwana agomba kuba azwi ku buryo bwimbitse n'abana ndetse n'abantu bakuru.

## Icyifuzo cya 2

Amategeko, politiki n'inzego bibereye abana biriho mu bihugu byose byemeje aya masezerano.

Intego nyamukuru y'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana (nk'inshingano ya  buri Gihugu)  ni ugukora ku buryo amategeko na politiki bibereye abana bishyirwaho muri buri gihugu cyemeje aya masezerano; akaba ayo kurinda uburenganzira bw'umwana; bikozwe mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ayo mategeko na politiki. Ingingo ya 1 y'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana ikubiyemo neza imiterere y'izi nshingano. Amategeko na politiki bibereye umwana bishingiye ku burenganzira kandi bigamije guharanira inyungu zihariye zabo. Hifuzwa ko, ku mategeko na politiki bisanzweho, hiyongeraho inzego na politiki byihariye  ku bana . Birumvikana kandi ko, ari ngombwa ko aya mategeko na politiki bishyirwa mu bikorwa ku buryo bunoze.  Igice gisigaye cy'iyi Gahunda cyibanda by'umwihariko ku birebana n'ishyirwaho n'ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko. Ni ngombwa cyane na none ko inzego zihabwa ubushobozi mu rwego bwo kurengera inyungu zihariye z'umwana.


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

## Bitarenze mu 2040:

Inzego, politiki n'amategeko yihariye ku burenganzira bw'umwana bigomba kuba byarashyizweho kandi bikora mu bihugu byose.
Inzego, politiki n'amategeko bisanzwe biriho bigomba kuba byarongerewe ubushobozi
Inzego zirengera umwana zigomba kuba zubatse neza, zikora mu buryo bunoze, kandi zigamije inyungu zihariye z'umwana.

## Icyifuzo cya 3

Buri mwana wese uvutse n'indi mibare y'ingenzi ku buzima bw'umwana biranditswe.

Iyandikwa ry'amavuko ni uburenganzira bw'ibanze. Icyemezo cy'amavuko nicyo gihamya imyaka n'umwirondoro w'umwana mu mategeko. Akenshi gisabwa kugirango umuntu ahabwe serivisi z'ibanze nk'izijyanye n'ubuzima, uburezi, uburenganzira ku izungura, cyangwa kigafasha mu guhagarika ishyingirwa ry'abana ndetse kigafasha kwitabwaho mu mategeko hagendewe ku myaka y'umwana. Iyandikwa ry'amavuko nanone ni isoko y'ingenzi y'amakuru, akenewe mu gutegura ibikorwa bijyanye n'imibereho myiza. Iyandikwa ry'amavuko ni kimwe mu bigize irangamimerere; irangamimerere rigaragaramo kandi ishyingirwa no kwandukuza abitabye Imana. Iyandikwa ry'ishyingirwa ni itegeko kandi nibwo buryo bwo kugabanya ishyingirwa ry'abana.

Amafaranga atangwa kuri ibyo byangombwa n'urugendo rukorwa kugira ngo ugere aho bitangirwa ni imwe mu mbogamizi z'iyandikwa z'amavuko. Kwandukuza abapfuye bitanga amakuru y'ingenzi bigafasha no kugena ingengo y'imari. Rimwe na rimwe, iyandikwa ry'amavuko rifitaye isano n'uburenganzira ku bwenegihugu. Abana bashobora kwimwa ubwenegihugu mu gihugu bavukiyemo bitewe n'ubwenegihugu bw'ababyeyi babo, cyangwa ubwoko bwabo, ndetse no gufatwa nk'utujuje ibisabwa kugira ngo yandikwe akivuka. Iyandikwa ry'amavuko rijyanye cyane no kwirinda kutagira ubwenegihugu. Nubwo abana bose batanditswe bakivuka batitwa abatagira ubwenegihugu, abavutse ku babyeyi b'impunzi cyangwa bagishaka ubuhungiro bashobora guhura n'ikibazo cyo kutagira ubwenegihugu. Muri aya Masezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, Ibihugu bisabwa kwita ku iyandikwa ry'abana bakivuka (ingingo 6(2)) ndetse n'ishyingiranwa imbere y'amategeko rikandikwa (ingingo 21(2)). Gahunda y'Iterambere rirambye ikubiyemo ibyo ibihugu byiyemeje kugira ngo bitange ubwenegihugu ku bantu bose ndetse n'iyandikwa ry'amavuko kugeza muri 2030.

## Bitarenze mu 2040:

Iyandikwa ry'amavuko rigomba kuba ari igikorwa rusange, ari itegeko ndetse rikorwa ku buntu.
Inzego zose z'amategeko (y'irangamimerere) zigomba kuba zifite uburyo bunoze kandi bworoheye buri wese bwo kwandika ivuka.


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

Ubu buryo bugomba kuba bushyirwa mu bikorwa neza kugira ngo buri mwana wese uvutse yandikishwe mu irangamimerere.
Uburyo bwo kwandika ishyingiranwa no kwandukuza abapfuye bugomba kuba buriho kandi bworoheye buri wese.
Amategeko yose ateganya ingingo zinoze kandi zoroshye zemerera umwana kubona ubwenegihugu bw'Igihugu yavukiyemo, iyo nta bwenegihugu bw'ikindi Gihugu umwana yahawe akivuka.

## ICYIFUZO CYA 4

Buri mwana afite uburenganzira bwo kubaho no kugira ubuzima bwiza

Nubwo hari byinshi byagiye bikosorwa, haracyari umubare munini w'abana bapfa bakivuka cyangwa bataruzuza umwaka. Muri Afurika yose, ikigereranyo cy'impfu z'abana bakivuka cyavuye ku bana 90 ku 1000 muri 1990 kigera ku bana 54 ku 1000 muri 2014. Mu 1990, ikigereranyo cy'abana bapfa bari munsi y'imyaka itanu cyari abana 146 ku 1000; muri 2012 biragabanuka bijya ku bana 65 ku 1000. Nubwo ibi byagezweho ari ibyo kwishimira kuva aya Masezerano yajyaho, ikigereranyo kiracyari hejuru bikabije. Impamvu nyamukuru zitera impfu z'abana muri Afurika zishobora kwirindwa. Ikibazo cyo kubura umwuka ku mpinja gishobora kwirindwa igihe habonetse ababyaza b'inzobere; malariya yakwirindwa mu gihe inzitiramubu ziteye umuti zitanzwe ahantu hose; umusonga wakwirindwa igihe habonetse imiti iwuvura. Impfu nyinshi z'abana zishobora kwirindwa mu gihe hariho uburyo bworoshye kandi budahenze bw'ikingira bijyanye na gahunda y'ibikorwa y'Isi yose yo gukingira 2011-2020. Mu 2016, ba Minisitiri mu bihugu bya Afurika bafite mu nshingano zabo; Ubuzima, Imari, Uburezi, Imibereho myiza ndetse n'ab'Ubutegetsi bw'Ibihugu , bemeje Itangazo rijyanye n'inkingo kuri bose nk'ishingiro ry'ubuzima n'iterambere muri Afurika, baniyemeza gukomeza gushora imari muri gahunda y'ikingira.

Ikigereranyo cyo hejuru cy'impfu z'ababyeyi bapfa babyara kigira ingaruka ku mibereho y'umwana wavutse. Nubwo, ikigereranyo cy'impfu z'ababyeyi bapfa babyara muri Afurika cyagabanutse kikava ku babyeyi 870 ku 100.000 mu 1990 bakagera ku babyeyi 460 ku 100.000 muri 2013, iki kigereranyo kiracyari hejuru muri Afurika ugereranyije n'ahandi ku Isi. Impamvu zikunda gutera icyo kibazo ni izi: ikigereranyo cyo hasi cyo kuboneza urubyaro, ikigereranyo kiri hejuru cy'abangavu babyara, ikigereranyo kiri hasi cy'ababyeyi bagerwaho na gahunda yo gukurikirana abatwite, ndetse n'ikibazo cyo kuboneza urubyaro kitarasubizwa ku buryo buboneye. Kuzamura ikigereranyo cy'abana n'ababyeyi babaho nyuma yo kubyara no kuvuka bisaba kunoza serivisi z'ubuzima harimo no kubona izo serivisi hafi (ugereranyije n'urugendo rukozwe n'amaguru). Hashingiwe ku ngingo ya 14, Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana ntafata uburenganzira bw'umwana ku buzima buboneye nka kimwe mu by'igenzi bigomba kwitabwaho gusa, ahubwo anasobanura neza inshingano z'Ibihugu mu rwego rwo kugabanya impfu z'abana. Guhera muri 2009, Afurika Yunze Ubumwe, yatangije ubukangurambaga mu rwego rwo kugabanya byihuse impfu z'ababyeyi bapfa babyara muri Afurika (CARMMA) hagamijwe kwihutisha ibikor-


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

wa bijyanye no kuzamura ikigereranyo cy'ubuzima no kubaho by'umubyeyi n'umwana ukivuka ku mugabane wose. Ibihugu 44 binyamuryango bya Afurika yunze Ubumwe byatangije ubwo bukangurambaga iwabyo. Ingamba zerekeye Ubuzima za Afurika yunze Ubumwe 2016-2030 zisaba ko gahunda y'Isi yo kugeza ubuzima kuri bose yaba yagezweho mu 2030, zikanasaba gushyira iherezo ku mpfu z'ababyeyi babyara zishobora kwirindwa, iz'impinja n'abana, ndetse hakabaho gutanga serivisi zigera kuri bose z'ubuzima bw'imyororokere;iz'ababyeyi, impinja, abana, ingimbi n'abangavu, na gahunda yo kuboneza urubyaro ku bushake.

Ku va mu 2001 Ibihugu binyamuryango bya Afurika Yunze Ubumwe byemeje Itangazo rya Abuja na Gahunda y'Ibikorwa byerekeranye no kurwanya SIDA, igituntu n'izindi ndwara zandura, aho biyemeje kongera ingengo y'imari igenda ku buzima ku kigero cya 15% by'ingengo y'imari y'umwaka y'Igihugu. Ibihugu bicye nibyo byabashije kugera kuri iyo ntego.

## Bitarenze mu 2040:

- Nta mwana uzaba yicwa n'urupfu rushobora kwirindwa.
- Ubwandu bw'agakoko gatera Sida bw'umubyeyi ku mwana bugomba kuba bwararanduwe.
- Abana bafite ubwandu bw'agakoko gatera Sida bagomba kuba bazwi kandi bahabwa imiti igabanya ubukana, bagakomeza gukurikiranwa kugira ngo ubwandu bushire mu mibiri burundu.
- Buri mwana agomba kuba akingiye indwara zishobora kwirindwa hakoreshejwe urukingo nka akaniga, tetanusi, inkorora y'igikatu, iseru, imbasa n'igituntu.
- Ingaruka ziterwa na malariya n'izindi ndwara zakwirindwa ku bana zigomba kuba zaragabanutse.
- Inyunganiramirire nka Vitamini A by'umwihariko zigomba kuba zigera kuri buri mwana.
- Abana bagomba kuba baganirizwa ku bijyanye n'indwara ya Sida, ubuzima bw'imyororokere, hibandwa ku gukumira ubwandu bw'agakoko gatera Sida.
- Konsa umwana ntacyo umuvangiye bigomba kuba byaremejwe ndetse binakorwa muri rusange.
- Impfu z'ababyeyi bapfa babyara zigomba kuba zaragabanutse cyane.
- Abana bose bagomba kuba babona serivisi z'ibanze zinoze z'ubuvuzi; ubuvuzi no kwirinda ubwandu bw'agakoko gatera SIDA, igituntu, malariya, umusonga n'impiswi bigomba kuba byahawe umwihariko.

## Icyifuzo cya 5

Umwana wese akura abona indyo yuzuye kandi afite iby'ibanze mu buzima

Abana baba mu bukene bicwa n'inzara, baragwingira, ntibabona amazi meza; baba ahantu hatari isuku kandi ntibagira ahantu ho kuba hakwiriye. Inzara n'ingwingira nibyo bitera cyane cyane


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

kutagira ibiro bikwiye, kugwingira k'ubwonko, indwara n'impfu z'abana muri Afurika. Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara ni yo ifite ibi bibazo kurenza ahandi hose ku Isi; ifite 25% by'abaturage bayo bahuye n'ikibazo cy'inzara n'igwingira muri 2011 kugera muri 2013, iki kibazo cyagabanutseho gato cyane (8%) ugereranyije n'uko byari mu 1990-1992. Ibura ry'amazi meza yo kunywa ritera impfu zikomoka ku mpiswi. Ahantu hadasukuye haba indiri y'indwara zandura. Kugira ngo babeho, bakure neza, babe abantu bakuru, abana bakenera kubona ibyo kurya; kubona amazi meza, kuba ahantu hari isuku n'isukura; ndetse no kugira aho kuba. Mu bihugu byose bya Afurika, abana bamwe (nk'abana bafite ubumuga; abana b'impfubyi, abana batereranywe n'abandi bana batagira kirengera; abana bayoboye imiryango, abana batagira aho baba bibera mu muhanda, abana bo mu miryango y'abasigajwe inyuma n'amateka , abana b'impunzi z'imbere no hanze y'Igihugu ndetse n'abakobwa) babayeho mu buzima butandukanye n'ubw'abandi muri sosiyete. Uburenganzira bwabo burahutazwa mu buryo bworoshye ndetse bakaba batitabwaho ugereranyije n'abandi bana. Ubukene n'ihohoterwa bibagiraho ingaruka kenshi mu buryo bukomeye ugereranyije n'abandi bana. Abana bafite ubumuga ntabwo bitaweho, bafashwe nabi, bahabwa akato, ndetse ntibahabwa agaciro muri sosiyete Nyafurika. Abana bafite ubumuga n'abana bo mu miryango yasigajwe inyuma n'amateka biga ni bacye cyane cyane abana bo mu miryango ihora yimuka. Abana b'impfubyi n'abandi bana batagira kirengera, cyane cyane abana bayoboye imiryango baba mu bukene buhoraho.

## Bitarenze mu 2040

- Abana bafite ibyago byinshi byo guhura n'ibibazo bagomba kuba bazwi kandi kurengera uburenganzira bwabo byitabwaho ndetse bigahabwa umwihariko.
- Ubukene bukabije bugaragarira ku gipimo cyo gukoresha munsi ya 1.25$ ku munsi bwararanduwe ku bana bose.
- Ubukene busobanurwa hakurikijwe ibipimo by'ibihugu, bugomba kugabanukaho nibura kimwe cya kabiri hagendewe ku mibare y'abana baba mu bukene mu byiciro byose by'ubuzima.
- Buri mwana abona amazi meza yo kunywa, ibikorwa by'isuku n'isukura; abona indyo yuzuye ndetse afite n'aho kuba.
-
- Nta mwana n'umwe wicwa n'inzara cyangwa ngo abe mu buzima bwo kutabona ibiryo; nta mwana n'umwe ugwingiye.
-
- Gahunda y'imibereho myiza ku bana bafite ibibazo byihariye nk'abana bayoboye imiryango n'abana bafite ubumuga iriho kandi ikurikizwa neza.
- Gahunda y'igihugu y'ubwishingizi ku buvuzi igera ku bana bose, harimo n'abana bafite ibibazo byihariye, abana bafite ababyeyi badafite umurimo ubinjiriza , abana batagira kirengera ndetse n'impfubyi.
- Gahunda zo kurinda no kurengera abana zigera ku bana n'imiryango ikeneye kwitabwaho.
- Abana bafite ubumuga bafite amahirwe yo kugaragaza ubushobozi bwabo.


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

- Nta bana bari mu mihanda y'imijyi ya Afurika, nta mwana ushorwa mu busabirizi kugira ngo abone ibimutunga.

## Icyifuzo Cya 6

Buri mwana agomba kubona uburezi bufite ireme

Uburezi ni umusingi mu iterambere ry'umwana . Kutiga ni umuzi w'ubukene no kutabasha kwisanga mu bandi. Ingingo ya 11 y'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana ishimangira ko abana bose bafite uburenganzira ku burezi. Uburezi ni inkingi y'ingenzi mu zigize Gahunda y'Iterambere rya Afurika. Isuzuma ryakozwe ku cyiciro cya mbere cy'imyaka icumi ya gahunda y'uburezi muri Afurika (1997-2006), ryagaragaje ko intego nyinshi zitagezweho. Hashingiwe kuri ibyo, ibihugu bigize Afurika Yunze Ubumwe byiyemeje gushyira mu bikorwa icyiciro cya kabiri cy'imyaka icumi ya gahunda y'uburezi muri Afurika (2006-2015) n'ingamba za Gahunda y'Uburezi ku Mugabane wa Afurika (CESA 2016-2025). Gusa muri iki gihe, hari ibyagezweho ku buryo bugaragara. Umubare w'abanyeshuri biga mu mashuri abanza muri Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara wavuye kuri 52 ku ijana mu 1990 ugera kuri 78 ku ijana mu 2012. Icyakora, ubwo bwiyongere ntibwagaragaye mu mashuri yisumbuye. Byongeye kandi, 67 ku ijana by'abarangiza amashuri abanza bigaragaza ko Afurika ikiri kure ugereranyije n'ikigero cy'uko abana bose bagomba gusoza amashuri abanza mu 2015. Ibibazo bijyanye no kuba iyi mibare itazamuka bikeneye gukorerwa ubushakashatsi n'Ibihugu kugira ngo hamenyekane impamvu n'uburyo bwo kubikemura uhereye mu mizi. Nubwo umubare w'abifuza n'abashaka kujya mu mashuri yisumbuye n'amakuru wiyongereye, biracyari hasi cyane ugereranyije n' amashuri abanza, gusa ubwo bwiyongere iyo turebye mu bijyanye n'ireme n'uburyo bw'imyigishirize ntibisubiza ibikenewe ku isoko ry'umurimo. Abanyeshuri benshi ntibabona akazi nyuma yo kurangiza amashuri.

Abana benshi bafite ibyago byo kutabasha kugaragaza icyo bashoboye bitewe no kuba nta buryo bwo kubafasha gukangura ubwonko hakiri kare ndetse no guhura n'imihangayiko bakiri abana. Kunoza imirire ndetse n'uburyo bwo gukangurwa ubwonko hakiri kare bigaragaza ibikwiye kuba byagakozwe mu buzima n'uburezi, ku bw'ibyo bikongera amahirwe y'ubukungu ku bana n'urubyiruko ku buzima bw'ahazaza. Uburezi bukwiye kuba bujyanye n'imiterere yabwo yihariye kugira ngo bujyane n'isoko ry'umurimo. Abikorera ku giti cyabo bashora imari mu burezi bagenda biyongera mu bice byinshi bya Afurika, cyakora bitewe n'uko nta mategeko agena igenzura ahari, usanga ibi bitera ibibazo byo gutuma uburezi buba ku rwego rwo hasi. Bitewe n'uko uburezi ari kimwe mu bikorwa bigamije inyungu rusange, bisaba ko ireme ryabwo ryitabwaho. Ibihugu bigomba guhagarika ubwo bwiyongere bw'abikorera bashora imari mu burezi mu buryo budakurikije amategeko, bitabaye ibyo byabangamire ireme ry'uburezi ndetse bikaba byatuma habaho gushakira indonke ku bana.

## Bitarenze mu 2040:

- Abana bose kuva bakivuka bahabwa amahirwe abafasha gukangura ubwonko bwabo hakiri kare ndetse no kwiga.
- Uburezi bw'amashuri y'incuke bwitaweho kandi bugakomeza kugirwa ihame ku bana bose.
- Buri mwana abasha gutangira kandi agasoza amashuri abanza n'ayisumbuye,atanga uburezi bufite ireme, kandi nta kiguzi ku mwana, ibi biganisha ku musaruro ukwiye.
- Uburezi bw'amashuri abanza n'ayisumbuye budasaba ikiguzi icyo aricyo cyose cyabuza umwana amahirwe yo kwiga.
- Abana bafite imbogamizi mu myigire ziturka ku bumuga bwo mu mutwe cyangwa ubw'ingingo badahezwa kandi bahabwa ubufasha bwa ngombwa kugirango basoze amashuri abanza n'ayisumbuye;uko bishoboka kose, ihame ry'uburezi budaheza rishyirwa mu bikorwa neza, aho biri ngombwa hashyizweho amashuri yihariye ku bana bafite ubumuga bukomeye, bwo mu mutwe n'ubw'ingingo butabemerera kwigana n'abandi.
- Abahungu n'abakobwa bafite amahirwe angana ndetse no kubona uburezi bw'amashuri abanza n'ayisumbuye; nta mwana w'umukobwa ubuzwa kwiga kubera gutwita.
- Hari amahirwe angana mu barimu, umubare w'abarimu b'abagabo ungana n'uw'abagore; Hari uburyo buboneye bwimakaza ihame ry'uburinganire harimo inyubako, ibikoresho ndetse n'integanyanyigisho zita ku burenganzira bwa buri wese; abarimu bafite ubumenyi bukwiriye, barabyigiye, kandi bafite ishyaka; amashuri ari ahantu hatekanye, afite ibikoresho bifasha kwiga neza, kandi bibahesha agaciro; ibikorwaremezo bya siporo byagutse ndetse n'amasomo atari ateganyijwe mu nteganyanyigisho yongewemo; umubare w'abanyeshuri ku mwarimu umwe utarenga 40 byibuze.
- Amashuri atanga uburyo rusange bwo kubona amakuru bidahenze, ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga, ibibigize ndetse n'ihuzanzira kandi byinjizwa mu myigishirize n'integanyanyigisho.
- Mu mashuri yisumbuye ibikubiye mu burezi ndetse n'uburyo bw'imyigishirize bigamije kwigisha ibikenewe ku isoko ry'umurimo, guhanga akazi no kwihangira imirimo;amashuri abanza n'ayisumbuye yibanda ku bumenyi, ikoranabuhanga, ubumenyi ngiro, imibare, n'ubuhanga mu ikoranabuhanga n'isakazabumenyi. Abakobwa bitabira ku bwinshi kwiga ayo masomo.
- Ururimi gakondo rwigishwa mu mashuri abanza
- Uburezi bugamije gufasha urubyiruko kwiyumvamo umutima wo gukunda no gukorera Afurika. Amatsinda ya Afurika yunze Ubumwe yashyizweho mu mashuri yose ku mugabane. Uburezi bwubakiye ku ndangagaciro Nyafurika butera ishema nk'umurage rusange wacu.
- Integanyanyigisho yubakiye ku burenganzira n'amahame rusange yatejwe imbere ku mugabane wose, igamije guteza imbere imitekerereze yagutse, imiyoborere ndetse no gushyigikira indangagaciro z'ubunyangamugayo, izo kwiyumvamo inshingano, n'izo kwiyumvamo ubwenegihugu.
- Uburezi butegura abana ku mpinduka kandi bubatoza kuba umusemburo w'impinduka hashingiwe ku kigero cyabo. Uburezi bushingiye ku makuru mpamo bufasha abana b'abakobwa n'abahungu kugira amahitamo nyayo ku buzima bw'imyororokere ; ihohoterwa rishingi-


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

ye ku gitsina, ivangura, imigenzo mibi ishingiye ku muco no gukemura amakimbirane mu mahoro bikwiye ari bimwe mu bigize ubumenyi rusange hashingiwe kuri gahunda y'imyigishirize.

- Hari ibipimo ngenderwaho bisobanutse kandi bitanga umurongo ku bikorwa by' abikorera mu burezi.
- Buri mwana yigishwa ku burenganzira n'inshingano bye.
- Abanyeshuri bose bafite ubumenyi bukenewe mu iterambere rirambye binyuze mu burezi ku iterambere rirambye, uburyo bunoze bw'imibereho, uburenganzira bwa muntu, ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, guteza imbere umuco w'amahoro no kurwanya ihohoterwa, kwisanisha n'abandi ndetse no kwemera uruhare rw' imico itandukanye mu kugera ku iterambere rirambye.

## Icyifuzo Cya 7

Buri mwana wese arinzwe ihohoterwa, ishakirwaho indonke, n'itereranwa

Ihohoterwa rikorerwa abana riba mu buryo butandukanye. Rishobora kubera hantu hiherereye, ku mashuri, aho batuye cyangwa se mu muryango. Rishobora kuba: rikorewe ku mubiri, mu buryo bitandukanye, yaba mu ruhame cyangwa ahiherereye; imirimo mibi n'iy'agahato ndetse no gucuruzwa hagamijwe gukoreshwa imirimo y'agahato; imigenzo mibi ishingiye ku muco nko gukata imyanya ndangagitsina, ishyingirwa ry'abana, gupima ubusugi, gushiririza amabere no kwica abana hashingiwe ku bupfumu; ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ihohoterwa rikorewe ku gitsina, gushakirwaho indonke binyuze mu busambanyi, urukozasoni ndetse no gucuruzwa hagamijwe gusambanywa. Hari ibimenyesto bigaragaza ko ihohoterwa iryo ariryo ryose rigira ingaruka zaba iz'igihe gito cyangwa ikirekire ku mikurire mu gihagararo n'ubuzima bwo mu mutwe by'umwana. Rishobora kubabangamira mu myigire, no mu mibanire n'abandi, rikaba rishobora no kubagiraho ingaruka mbi ku mikurire yabo bava mu bwana bajya mu cyiciro cyisumbuyeho ndetse no mu buzima buzaza. Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza y'Umwana, ni yo masezerano ya mbere mpuzamahanga yashyizeho (mu ngingo yayo ya 21, igika cya 2) ko imyaka fatizo yo guhyingirwa ari 18. Hakozwe byinshi bigamije gutuma iyi ngingo ishyirwa mu bikorwa. Afurika yunze Ubumwe yatangije ubukangurambaga bwo kurandura ishyingirwa ry'abana muri Afurika ndetse inashyiraho Intumwa yihariye ku ishyingirwa ry'abana, ishinzwe gushaka amakuru mpamo kuri ryo, gutsura umubano hagati y'Ibihugu bigize Afurika yunze Ubumwe no gutuma habaho ibiganiro byubaka hagati ya za Guverinoma, imiryango itari iya Leta n'abandi. Hagendewe ku Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, mu 2014 hateranye inama yaje kwemeza Itangazo rya Addis Ababa ku kurandura burundu Ishyingirwa ry'Abana muri Afurika rinahamagarira buri wese kubiha agaciro.

Nta hohoterwa iryo ariryo ryose rikorewe umwana ryemewe. Abana bafite uburenganzira bwo kurindwa ihohoterwa. Nk'uko bivugwa mu Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

myiza y'Umwana, mu ngingo yayo ya 1 igika cya 3, 'ibikorwa bishingiye ku migenzereze, umuco n'imyizerere ibyo aribyo byose bibusanyije n''uburenganzira n'inshingano biteganywa n'aya Masezerano ntibikwiye gushyigikirwa'. Niyo mpamvu, Ibihugu bifite inshingano zo gukora ibishoboka byose ngo amategeko n'imigenzereze y'abaturage babyo ihuzwe n'ibiteganywa n' Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana. Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza y'Umwana mu ngingo yayo ya 21 igika cya 1 ahamagarira Ibihugu gukuraho ibikorwa by'imihango n'imigenzo ibangamiye uburenganzira bw'umwana ku buzima, akongera mu ngingo yayo ya 16, 27 na 29 guhamagarira Ibihugu kurwanya ihohoterwa iryo ariryo ryose, ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge no kutitabwaho. Izi ngingo zikaba zishingira ku bivugwa muri Gahunda y'iterambere rirambye y'Umuryango w'Abibumbye ya 2030, yifuza ko Isi izaba yita ku bana, aho bazakura nta hohoterwa bahura na ryo cyangwa gushakirwaho indonke; by'umwihariko, hitawe ku iyicwa ry' abafite ubumuga bw'uruhu n'abafite ubundi bumuga muri rusange, cyane cyane abana.

Hashingiwe ku byatangajwe muri Raporo ya Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, ku rugendo yakoreye muri Tanzania mu 2016 rugamije kureba imibereho y'abana bafite ubumuga bw'uruhu baba mu bigo by'agateganyo, Tanzania yasabwe kubihagarika.

## Bitarenze Mu 2040:

- Nta mwana uzaba akorerwa ihohoterwa iryo ariryo ryose, ryaba irishingiye ku gitsina rikorewe mu ruhame cyangwa ahiherereye,ryaba iryo ku mubiri, ku mitekerereze, irishingiye ku gitsina, gushakirwaho indonke ndetse no gucuruzwa hagamijwe gusambanywa.
- Imigenzo mibi ishingiye ku muco (harimo nko gushiririza amabere,gukata bimwe mu bice by'imyanya ndangagitsina no gushyingira abana) igomba kuba yaraciwe.
- Nta mwana ushakirwaho indonke binyuze mu kumusambanya ndetse no gukoreshwa mu mashusho y'urukozasoni.
- Ibikorwa bigamije gushora abana mu mirimo mibi no kubacuruza hagamijwe kubakoresha imirimo y'agahato byararanduwe.
- Nta mwana uhabwa ibihano bibabaza umubiri

## Icyifuzo Cya 8

Abana bahabwa umwihariko mu mikorere y'ubutabera mpanabyaha.

Muri Afurika, abana benshi bafungiwe mu magereza. Umubare munini w'aba bana ntibafungirwa ahantu hihariye hagenewe urubyiruko n'abana ahubwo bafungirwa hamwe n'abantu bakuru ndetse no mu buryo bubabangamiye. Abana benshi bafungwa mu gihe kirekire, bamwe imanza zabo zigahora zisubikwa, abandi bagafungirwa ibyaha byoroheje. Ibi bikaba binyuranyije n'ibivugwa


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

mu ngingo ya 17 y'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza y'Umwana, isaba ko abana bahabwa umwihariko mu mikorere y'ubutabera mpanabyaha, igateganya uburyo bwo kwita ku mwana by'umwihariko hashingiwe ku cyubahiro cye no kumurinda gufunganwa n'abantu bakuru. Muri Afurika, abana bafite ababyeyi cyangwa ababitaho bakurikiranywe mu butabera , usanga batitaweho, uburenganzira bwabo butubahirizwa mu migendekere y'imanza nshinjabyaha ndetse n'igihe cy'igifungo. Ingingo ya 30 y'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza y'Umwana, ivuga ko abana badakwiye gufunganwa n'ababyeyi babo.

## Bitarenze mu 2040:

- Imyaka mike iherwaho yo kuryozwa ibyaha mu Bihugu bigize Afurika yunze Ubumwe igomba kuba ari 12 kuzamura.
- Hariho uburyo bwuzuye bw'ubutabera bwita ku bana bafitanye ibibazo n'amategeko, harimo amategeko avuga ku butabera bwabo, ingingo zerekeranye no guhanagurwaho ibyaha cyangwa ubundi buryo busimbura ibihano.
- Abana bafitanye ibibazo n'amategeko/bakoze ibyaha bakurikiranwa badafunze; hashyirwaho uburyo bwo kubunga, kubahanaguraho ibyaha n'ubundi buryo bwo gukemura ibibazo.
- Ibihugu bigize Afurika yunze Ubumwe byarateguye kandi binashyira mu bikorwa gahunda yo kurwanya ibyaha ku bana.
- Hirindwa gutinza imanza zireba abana bitari ngombwa ndetse no kugabanya kugera ku kigero cyo hasi isubikwa ryazo.
- Mu gihe bibaye ngombwa ko abana bafungwa , ibigo bibakira bigomba kuba bifite intego y'ibanze yo kubafasha guhinduka ndetse no kubasubiza mu buzima busanzwe muri gahunda zabyo zose kuva bahageze .
- Hariho uburyo bwizewe bwo kwegeranya amakuru yerekeranye n'ubutabera nshinjabyaha bw'abana mu rwego rwo kuyifashisha mu kuvugurura za politiki.
- Hariho imikorere y'ubutabera mpanabyaha yita ku bana bakorewe ibyaha, ndetse n'abatangabuhamya haba mbere, mu gihe cy'urubanza ndetse na nyuma yarwo.

## Icyifuzo Cya 9

Buri mwana arinzwe ingaruka z'intambara n'ibiza

Umugabane wa Afurika, mu myaka 25 ishize waranzwe n'intambara, akenshi zashoraga abana mu gisirikare kandi buri gihe zikagira ingaruka ku burenganzira n'imibereho myiza byabo. Abana bagerwaho n'ingaruka z'intambara mu buryo butandukanye. Bahungabanywa n'amakimbirane, bagatakaza ubuzima, bagakurwa mu byabo, bagatandukanywa n'imiryango yabo, bagakorerwa ihohoterwa rikorewe ku gitsina, guturikanwa n'ibisasu ndetse no gushorwa mu mitwe yitwaje intwaro. Nubwo intambara zagiye zigabanuka ku mugabane wa Afurika ariko ikibazo kiracyakomeje gufata indi ntera. Abana bari mu duce twazahajwe n'intambara n'uturimo umutekano mucye ba-


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

hura n'ibikorwa bikomeye bihungabanya uburenganzira bwabo. Hari isano ikomeye hagati y'intambara n'uburenganzira bw'abana nk'uko bigaragara mu ngingo ya 22 y'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza y'Umwana, ivuga ko Ibihugu bigomba gukora ibishoboka byose kugira ngo hatagira umwana ushorwa mu bikorwa by'intambara ndetse ko nta n'umwana winjijwe mu mitwe yitwara gisirikare. Iki cyifuzo gihuye n'ubukangurambaga bwa Afurika yunze Ubumwe bwo gucecekesha imbunda muri Afurika ndetse n'ukwiyemeza ko ibihugu bigize Afurika yunze Ubumwe birangiza intambara ku Mugabane bitarenze 2020. Ibiza, ihindagurika ry'ibihe n'ibyorezo nka Ebola, akenshi bigira ingaruka zikomeye ku buzima bw'abana. Nubwo bigaragara ko abana ari bo bibasirwa cyane, ntibitabwaho uko bikwiye muri gahunda z'Ibihugu zo kurwanya ibiza. Akenshi yaba intambara cyangwa ibiza bituma abantu bavanwa mu byabo imbere mu gihugu ndetse no hakabaho no kwiyongera kw'impunzi.

## Bitarenze mu 2040:

- Intambara zaragabanutse bigaragara
- Hahagaritswe ikwirakwizwa ry'intwaro by'umwihariko intwaro nto n'izitaremereye.
- Ingabo zoherezwa mu butumwa bwo kugarura amahoro zarahuguwe ku bijyanye no kwita ku bibazo by'uburenganzira bw'abana, harimo ibijyanye no kumenya imyirondoro y'abana n'uburyo bwo kubashyikiriza ubutegetsi bwa gisivile byihuse.
- Nta mwana ugishorwa mu bikorwa bya gisirikare, nta winjizwa mu mitwe yitwaje intwaro cyangwa se ugira uruhare rutaziguye mu ntambara.
- Ibintu byose bishobora gutuma habaho intambara n'ihohoterwa bishingiye ku mibereho, umuco, ubukungu n'ingamba z'imiyoborerere bikemurwa binyuze mu guhindura imitekerereze n'imyitwarire.
- Serivisi z'ibanze zongeye gutangwa mu Bihugu byahuye n'intambara n'umutekano muke; imibereho myiza y'abana igaragazwa n'ibipimo biri hasi by'impfu z'abana na serivisi z'ubuzima n'uburezi ziboneka ku buryo bwagutse, nka kimwe mu bikunze kugaragara ku rwego rukiri hasi mu bihugu bihura n'intambara za hato na hato ndetse n'umutekano muke.
- Abana, by'umwihariko urubyiruko, ingimbi n'abangavu bagira uruhare runini mu bikorwa byo kubaka amahoro no kurwanya amakimbirane; kugirango hitabwe ku mpamvu zitera amakimbirane zaba iz'ako kanya ndetse n'izateguwe kuko zifite aho zihuriye n'abana.
- Hari uburyo bugamije gufasha abana bashowe mu bikorwa by'intambara cyangwa se bakagirwaho ingaruka na zo, kugaruka mu buzima busanzwe kandi bagahabwa ubufasha bukwiriye ku buzima bwo mu mutwe n'imibanire n'abandi.
- Uburenganzira bw'umwana bwinjijwe muri gahunda zo kubungabunga no kubaka amahoro ndetse no kwirinda amakimbirane.
- Abana bubakiwe ubushobozi bwo guhangana n'ibiza n'ibihe bidasanzwe.
- Abana batandukanijwe n'imiryango yabo n'abisanze ari bonyine bitabwaho kandi bakarengerwa by'umwihariko.


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

## Icyifuzo Cya 10:

Ibitekerezo n'uruhare rw'abana b'abanyafurika bifite agaciro

Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana mu ngingo yayo ya 4 igika cya 2 n'iya 7, agaragaza ko kugira uruhare mu bimukorerwa no gutanga ibitekerezo by'umwana, bikwiye guhabwa agaciro ndetse bikanumvwa hashingiwe ku ihame rigira riti 'nta bikwiye kudukorerwa tutabigizemo uruhare'. Abana bagomba kugira uruhare mu gufata ibyemezo bifite ingaruka ku nyungu zabo hagendewe ku biteganywa muri Gahunda Nyafurika 2063 (igika cya 47) igira iti: Hashingiwe ku kubaka umugabane wubakiye ku baturage, Abanyafurika bagomba kugira uruhare mu byemezo bifatwa mu byiciro byose. Abana mu gutanga ibitekerezo byabo,bagomba kwihitiramo ababahagararira hashingiwe ku ihame ryo kugira uburenganzira mu guhitamo uguhagararira atari ukumushyirirwaho. Bitewe n'uko ibitekerezo by'abana bidakwiye gufatwa mu mujyo umwe, ni ngombwa ko byitabwaho hashingiwe ku mibereho itandukanye yabo, ku gitsina, ikigero cy'imyaka, ubushobozi, gutura mu byaro cyangwa mu mijyi, abana bayoboye imiryango n'abana baturuka mu miryango y'abasigajwe inyuma n'amateka. Abahagarariye abandi bagomba kuba bafite uburyo bwo gutanga raporo no kungurana ibitekerezo n'abandi bibafasha kwiyumvamo inshingano. Ibihugu byinshi byashyizeho ingamba zituma abana batanga ibitekerezo ndetse ibijyanye n'uruhare rw'abana babigize inshingano. Icyakora, haracyakenewe guterwa indi ntambwe ndende kugira ngo ibitekerezo by'abana bihabwe nyawo kandi bihabwe agaciro.

## Bitarenze mu 2040:

Uruhare rw'abana hashingiwe ku mahame yo guhagararirwa, kudahezwa no kwiyumvamo inshingano rugomba kuba rugaragara mu nzego zose.
Abana bagira uruhare rufatika mu ishyirwaho ry'amategeko na za politiki zifite aho zihurira n'inyungu zabo ndetse bakagira n'uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ryabyo.
Uburyo bugenewe abana bwo gutanga ibitekerezo buriho , nk'amahuriro ahoraho ndetse akora nk'inteko z'abana, cyangwa amatsinda yifashishwa by'igihe gito agamije kuzamura ijwi ry'abana.
Ku rwego rw'amashuri, uruhare rw'abana n'imiyoborere byimakazwa bashishikarizwa kugira uruhare mu micungire y'amashuri, nko kuba bashyirwa muri Komite ngishwanama z'abanyeshuri.
Hari amategeko yemerera abana kwishyira hamwe, kubona amakuru no gutanga ibitekerezo mu mudendezo.
Abana bafite uburenganzira bwo kubaza no kumvwa mu manza ziberekeyeho.
Abana bagira uruhare mu igenzura n'ikurikirana ry'imigendekere y'iyi Gahunda, Gahunda z'iterambere rirambye ndetse na Gahunda 2063 ya Afurika yunze Ubumwe.

## ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI GAHUNDA

Iyi Gahunda ishyirwa mu bikorwa muri buri gihugu cyemeje amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, hashingiwe kuri gahunda ya buri gihugu y'ishyirwa mu

bikorwa ryayo, hagendewe kuri gahunda rusange y'ibikorwa by'iyi gahunda, kuri buri cyiciro. Ibihe ntarengwa bya buri cyiciro cy'imyaka itanu ni 2020,2025,2030,2035 na 2040. Buri gihe uko icyiciro cy'imyaka itanu cyirangiye, buri gihugu cyemeje amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, kigomba gutanga raporo kuri Komite y'Impuguke.

**Ishyirwa mu bikorwa rigomba kugendera hamwe n'inshingano z'ibyo igihugu kiyemeje ku yandi maserano mpuzamahanga.**

Ibihugu binyamuryango bya Afurika yunze Ubumwe bigomba guhuza gahunda zabyo zo gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa ikubiyemo ibyo igihugu kiyemeje n'inshingano zacyo zirebana na gahunda ya 2063, Intego z'iterambere rirambye n'andi masezerano mpuzamahanga.

**Iyi gahunda izashyirwa mu bikorwa n'abafatanyabikorwa batandukanye,**

Kunoza iyi gahunda bishingiye ku ishyirwa mu bikorwa ryagutse ririmo ibyiciro by'abafatanya-bikorwa, barimo inzego z'imiyoborere za Afurika yunze ubumwe, Minisiteri z'ingenzi z'ibihugu bin-yamuryango, abakozi muri serivisi zitandukanye, ababyeyi, abana, imiryango, abarimu, imiryango ya Sosiyete Sivile, abanyamadini n'abayobozi b'ibanze, abaturage n'itangazamakuru.

Uburyo buzakoreshwa na Afurika yunze Ubumwe ku Bihugu ntibugomba kuba bumwe ahubwo bugomba kwibanda cyane ku mwihariko wa buri gihugu. Twafata nk'urugero ku cyiciro cy'ibyihut-irwa kijyanye n'impfu z'abana bari munsi y'imyaka itanu ndetse n'ishyingirwa ry'abana, ingamba zihutirwa zikeneye gufatwa mu bihugu bimwe . Ubushake bwa Afurika yunze Ubumwe zikwiye kwibanda kuri ibi bihugu. Nk'uko byagaragajwe mu 2013, impfu z'abana bari munsi y'imyaka ita-nu mu bihugu icumi biri munsi y'ubutayu bwa Sahara zari ku kigereranyo cy' impfu zirenga ijana ku bana igihumbi bavuka (100/1000). Iri tsinda ririmo ibihugu bitanu biri cyangwa bisohotse mu ntambara n'amakimbirane (Angola, Repubulika ya Centrafurika, Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo (DRC), Sierra Leone na Somalia); hari n'ibindi bihugu bitanu (Chad, Guinea-Bissau, Mali, Niger na Nigeria). Ibi bihugu bitanu biheruka bigomba kwitabwaho by'umwihariko bifashwa mu kubakirwa ubushobozi, gushyiraho gahunda z'iterambere no kubona abaterankunga. Nk'uko byagaragajwe ku birebana n'ishyingirwa ry'abana, ibihugu bibiri bya Afurika biri ku isonga mu ku-gira ijanisha ryo hejuru mu gushyingira abana(aho abagore bari mu kigero cy'imyaka hagati ya 20 na 24 bari barashatse cyangwa babanaga n'abagabo nk'abubatse ingo mbere yo kuzuza imya-ka 18) ibyo bihugu ni Niger(ifite abagera kuri 76 %) na Republika ya Centrafurika (ifite abagera kuri 68%). Ibindi bihugu nka Algeria bifite ijanisha riri hasi cyane rya 2%. Ku ruhande rw'ibyiza byagezweho hari ibihugu bitatu bifite ijanisha ryiza ku bijyanye no kwandikisha abana mu bitabo by'irangamimerere ibyo ni Africa y'epfo, Uganda na Nigeria.

Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma bagomba kwerekana ubushake bwa politiki bwo ku-


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

menyekanisha iyi gahunda n'ibibazo igaragaza.

**Ubufatanye mpuzamahanga bugomba gukomeza gushyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda.**

Abafatanyabikorwa mpuzamahanga bagomba kugira uburyo bw'imikoranire aho bikwiriye, bakanahuza ubufasha na gahunda zabo n'intego zagutse; ndetse n'ibikeneye kwitabwaho byagaragajwe n'abafatanyabikorwa b'inzego n'ibigo bya Afurika yunze ubumwe, imiryango y'ubukungu yo mu karere n'Ibihugu binyamuryango.

Imiryango mpuzamahanga ikwiye gutanga ku gihe ubufasha bunoze mu bya tekinike n'imari ku bikorwa by'Ibihugu, Komite Nyafurika y'uburenganzira bw'umwana n'imiryango ya Sosiyete Sivile. Abafatanyabikorwa mpuzamahanga bakwiye gutanga inkunga n'ubufasha bigamije iyemezwa ry'amasezerano ndetse no gutanga raporo zihoraho. Abafatanyabikorwa mpuzamahanga bakwiye gushyira imbaraga mu bikorwa bishingiye ku nzego z'ibanze z'abaturage n'ubuyobozi bwabo kugirango bagere ku kigero cyo hejuru cyo gushyira mu bikorwa kurengera imibereho myiza ku nzego zegereye abaturage.
Ibikorwa by'imiryango y'iterambere ndetse n'imishinga y'abaterankunga bikwiye gutegurwa bigamije intego zagutse kandi zigera kuri bose.

Imenyekana n'ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezereno nyafurika y'uburenganzira n'imibereho myiza y'abana hamwe n'imikorere ihamye ya Komite nyafurika y'uburenganzira n'imibereho myiza y'abana bishingira ku bwinshi n'uruhare rw'imiryango itari iya Leta. Abo bafatanyabikorwa barimo ibigo by'imiryango y'uburenganzira bwa muntu, abakuru b'imiryango n'umuco gakondo abayobozi b'amadini; Imiryango ya Sosiyete sivile n'imiryanga itari iya Leta; za Kaminuza; ibigo by'ubushakashatsi; abacurabwenge, ibitangazamakuru; n'abana ubwabo. Ubufatanye bwabo ni ingenzi rwose. Sosiyete sivile kandi yunganira mu ikurikirana-bikorwa ry'uko Leta ishyira mu bikorwa iyubahirizwa ry'inshingano zayo, inagira uruhare mu gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inzego za Afurika yunze Ubumwe.

Ubuhuzabikorwa bunoze bw'imbaraga z'inzego zose z'ubuyobozi binyuze mu bufatanye bw'inzego za Leta n'iz'imiryango itari iya Leta burakenewe.

Ubufatanye hagati y'inzego z'abikorera na Leta, by'umwihariko abakora ibikorwa by' ubucuruzi bw'imbere mu gihugu burakenewe, ariko Leta ikagira inshingano zo gushyiraho amabwiriza, no kugenzura ubuziranenge.

Ibyifuzo bigari by'iyi Gahunda bigomba gufasha mu ishyirwaho ry'ingamba z'umwihariko, haba ku Bihugu, Uturere, Umugabane ndetse no ku bafatanyabikorwa mpuzamahanga.

## Ishyirwa Mu Bikorwa Neza Ry'iyi Gahunda Rishingiye Ku Kuba


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

## Ubushobozi Bukenewe Buhari

Ibihugu bigomba guha umwihariko abana mu gihe bitegura ingengo y'imari. Bikwiriye kandi kwibanda ku bukangurambaga bugamije kuzamura ku buryo burambye ubushobozi bw'umutungo w'imbere mu gihugu no kubusaranganya ku nzego zitandukanye zishyira mu bikorwa igenabikorwa rya Gahunda nyafurika ibereye abana hitabwa cyane cyane ku bana batereranywe, abafite ibibazo kurusha abandi, abakene, abana b'impfubyi, abana bavanywe mu byabo n'abana bafite ubumuga.

Ibihugu bikwiye kugena ubushobozi bw'umutungo no gutegura uburyo bwo kwegeranya amakuru yunganira mu gutegura iteganyamigambi, ibikorwa n'ubuvugizi bushingiye ku bipimo bifatika. Ibihugu bikwiye gutera intambwe yo kugaragaza igihombo giterwa n'ihohotera rikomeza kwigaragaza ugereranyije n'inyungu zaturuka mu kurirwanya no kurikumira. Imirongo y'ingengo y'imari isobanutse igomba guhabwa za Minisiteri n'ibigo bizishamikiyeho kuva ku rwego rw'Igihugu kugeza ku rwego rwegereye abaturage. Ministeri n'ibigo bifite inshingano zo gutegura igenamigambi n'ingengo y'imari ni ingenzi muri iki gikorwa. Kudashyira imbaraga mu bikorwa birengera abana hitawe ku giciro bisaba ntibikwiye kuganirwa ku rwego rw'igihugu gusa ahubwo bikwiye kurebwa mu buryo bwagutse.

Umurongo uhamye kandi ushyitse w'ibikorwa bikomatanyije hamwe n'itangwa ry'amasoko rinyuze mu mucyo bikwiriye kubakwa kandi bikabungwabungwa.

Banki Nyafurika zitsura amajyambere, Imiryango y'uturere igamije iterambere ry'ubukungu n'abafatanyabikorwa mu iterambere bakwiriye gushyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda kandi bakongera imbaraga mu gushakisha ubushobozi no kongera imishinga.

### Ishyirwa mu bikorwa neza ry'iyi Gahunda bishingiye ku bukangurambaga no kumenyekanishwa

Abafatanyabikorwa bo mu gihugu, ku bufatanye na Komite Nyafurika y'Impuguke bakwiye kuba bateguye inyandiko ku gusakaza amakuru y'ukuri ku buryo bwagutse no gukora ubuvugizi ku burenganzira bw'abana muri Afurika. Itangazamakuru rifite uruhare rw'ingenzi mu bukangurambaga bw'abaturage, ribafasha kumenya ibibazo by'abana n'umumaro wo kurengera uburenganzira bwabo, ndetse no gutanga amakuru yerekeranye n'inshingano z'ibihugu hagendewe ku mategeko y'imbere mu gihugu n'amategeko mpuzamahanga.

## UBURYO BWAGUTSE BUGOMBA KWITABWAHO

Uburenganzira bw'abana burebwa mu buryo bwagutse bwa politiki, imibereho myiza n'ubukungu. Iyubahirizwa ry'ubwo burenganzira riterwa na politiki nziza, imibereho myiza n'ubukungu. Ibi


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

bikubiyemo politiki ngari z'ubukungu, ingamba zafashwe mu rwego rwo gukumira ruswa, politiki rusange zo kurengera imibereho myiza y'abaturage n'ingingo z'Itegeko nshinga, ubwisanzure mu bya politiki, umwanya uhabwa sosiyete sivili, no kugera ku iterambere ry'uburinganire muri sosiyete, muri rusange. Nubwo ibyo bidashobora kuba ingingo z'ingenzi zo kuganirwaho n'imikoranire y'ibihugu, byanze bikunze abarebwa n'uburenganzira bw'abana (nka Komite Nyafurika y'Impuguke, ndetse n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga n'ab'imbere mu gihugu) bagomba kwita ku bibazo by'imiyoborere, hashingiwe ko uburenganzira bw'abana buri mu buryo bwagutse bw'imiyoborere mu bya politiki n'ubukungu, kandi ko ibyo bibazo by'ibanze bigomba gukemurwa hagamijwe guteza imbere uburenganzira bw'abana.

## ISUZUMA N'IKURIKIRANA BIKORWA

Komite Nyafurika y'Impuguke niyo izaba ishinzwe ishyirwa mu bikorwa ,ikurikirana ndetse n'isuzuma bikorwa ku rwego rw'umugabane wa Afurika. Izaba ishinzwe mu bikorwa byayo bya buri munsi gushaka ndetse no gusangiza abandi ibyiza byagezweho igendeye kuri raporo zoherejwe n'ibihugu biyigize, raporo ziturutse mu miryango itari iya Leta ndetse n'ahandi.

Abana bagomba kugira uruhare mu ikurikirana bikorwa ndetse n'uruhare rwa buri wese muri iyi gahunda.

Ku rwego rw'Igihugu,Leta niyo iyobora ibikorwa byo gusuzuma uko iyi gahunda ihagaze ndetse n'imbogamizi zigihari mu kugera ku ntego za buri gahunda y'ibikorwa, binyuze mu gushyiraho urubuga cyangwa inama bihuriramo abafatanyabikorwa bose harimo imiryango itari iya Leta ndetse n'abana; hagamijwe gusuzuma ibyagezweho mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda. Ibihugu byemeje aya Masezerano byegeranya ibyavuye mu masuzuma ngarukamwaka, bigashyirwa muri raporo kuri buri cyiciro muri bitanu by'ishyirwa mu bikorwa, zigashyikirizwa Komite Nyafurika y'Impuguke.

Nyuma ya buri cyiciro cy'imyaka itanu y'ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda (2020, 2025,2030,2035 and 2040), Komite Nyafurika y'Impuguke izahuriza hamwe abafatanyabikorwa hashingiwe kuri buri gihugu cyemeje aya Masezerano, harimo imiryango itari iya Leta ndetse n'abana.Iyo nama igamije kureba ibyagezweho mu ishyirwa mubikorwa ry'iyi gahunda kurwego rw'igihugu ndetse n'akarere kugirango barebere hamwe imbogamizi zabonetsemo ndetse bashyireho imirongo yihutirwa mu myaka itanu ikurikira.

Hashingiwe ku byagaragajwe mu ihuriro ry'abafatanyabikorwa b'iyi gahunda, Komite Nyafurika y'Impuguke izatanga raporo igararaza imibereho y'abana mu inama y'inteko y'Afurika yunze Ubumwe.

Gahunda y'ibikorwa y'icyiciro cya mbere izarangira muri 2020 iri ku mugereka w'iyi gahunda. Inzego za Afurika yunze Ubumwe (AU) zibifite mu nshingano, zizategura gahunda y'ibikorwa ya buri myaka itanu ikurikira zigendeye ku byavuye mu isuzuma riheruka rya buri Gihugu ndetse n'iry'inteko ya Afurika yunze Ubumwe (AU).

## Hakenewe uburyo bwo kwegeranya amakuru bwizewe kandi bu-


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

## hamye

Uburyo buhamye bw'isuzumabikorwa busaba kugira amakuru afatika kandi yizewe. Hakenewe isesengura rya gihanga rigaragaza imibare ifatika mu gusuzuma ibyagezweho mu kunoza imibereho myiza y'abana. Gukusanya amakuru bigomba gukorwa muburyo bwiza kandi bwizewe bunagaragaza ibyiciro binyuranye kugirango bifashe kwiha intego no kuzigeraho hibandwa ku byiciro by'abana bafite ibibazo kurusha abandi. Ubushobozi bwose bwaturuka ku mikoranire myiza hagati ya za Guverinoma, abafatanyabikorwa mpuzamahanga, Abanyafurika, abahanga, abashakashatsi, ndetse n'abakora ubuvugizi ku burenganzira bw'abana bugomba kwifashishwa kugirango hakorwe ubuvugizi bushingiye ku makuru mpamo. Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa b'imbere mu gihugu, Ibihugu bigomba kugaragaza amakuru mpamo ku ihohoterwa rikorerwa abana. Hagomba gushyigikirwa ishyirwaho ry'uburyo bwo gukusanya amakuru ku buryo buhoraho(uhereye ku rwego rw'Igihugu kugeza ku rwego rwegereye abaturage ) bwerekeranye n'isuzumwa ry'ibyo Ibihugu byagezeho mu gushyira mu bikorwa iyi Gahunda by'umwihariko, ndetse n'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana muri rusange. Ibihugu bigomba gushyiraho gahunda y'isuzumabikorwa no gutanga raporo kugirango hashyirweho uburyo bwumvikanisha imiterere y'ibibazo ndetse no kugaragaza intambwe imaze guterwa.
Mu buryo bushoboka bwose, Ibihugu bigomba guhuza no kwinjiza gahunda zigamije gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda hamwe n'ama raporo ngarukagihe nka: Raporo kuri Komite Nyafurika y'Impuguke, Raporo kuri Komite y'Umuryango w'Abibumbye yita ku Burenganzira bw'Umwana, mu Isuzuma ngarukagihe mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu (UPR),Gahunda y'iterambere rirambye (SGDs) ndetse n'andi Masezerano ku rwego mpuzamahanga n'imbere mu gihugu.

## Gahunda y'ibikorwa y'igihe gito (izarangira muri 2020)

**Icyifuzo cya 1: Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, nk'uko akurikiranwa na Komite y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, agaragaza uburyo bukwiye bwo guteza imbere uburenganzira bwabo ku mugabane wa Afurika.**

## Bitarenze mu 2020

- Ibihugu bya: Repubulika ya Santarafrika, Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, Repubulika iharanira Demokarasi y'Abarabu ya Sahrawi, Sawo Tome na Principe, Sudani y'Amajyepfo na Tuniziya byemeje Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana
- Ibihugu bya: Botwana, Misiri, Moritaniya na Sudani byakuyeho kwifata ku Masezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana
- Ibihugu bya: Alijeriya, Botwana, Burundi, Repubulika ya Santarafrika, Chad, Eritereya, Etiyopiya, Madagasikari, Ibirwa bya Maurice, Niger, Repubulika iharanira Demokarasi y'Abarabu


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

ya Sahrawi, Sudani y'Amajyepfo, Sudan na Tuniziya biri mu bihugu byemeje Amasezerano y'inyongera ya Maputo.

- Kenya yarashyize mu bikorwa imyanzuro ya Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana ku birebana n'ikibazo cy'abana bakomoka ku bwoko bw'aba Nubian, Uganda yarashyize mu bikorwa imyanzuro ya Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana ku birebana n'ikibazo cy'abana bo mu Majyaruguru ya Uganda; ndetse na Senegal yarashyize mu bikorwa imyanzuro ya Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana ku kibazo cy'Abanyasenegali b'aba Talibe.
- Ibihugu byose bitaratanga raporo z'ibanze (Benin, Botswana, Burundi, Cape Vert,Djibouti,Guinea Equatorial, Gambia, Guinea-Bissau, Ibirwa bya Seychelles, Swaziland na Zambia) byarazitanze; ndetse n'ibindi Bihugu bigomba gukomeza gutanga raporo ngarukamwaka zabyo ku birebana n'ishyirwamubikorwa ry' Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana
- Ibihugu byarashyize mu bikorwa imyanzuro byahawe nyuma yo gusuzuma raporo zabyo.
- Ibihugu bifatanya byimbitse na Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana mu kuzuza inshingano zayo zo guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana.
- Ibihugu byaratangije gahunda zigamije gushyigikira ibikorwa byo kumenyekanisha no gusobanura neza Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana iwabyo, urugero nko gushyigikira ibikorwa bijyanye n'Umunsi ngarukamwaka w'Umwana w'Umunyafurika mu buryo abana bagira uruhare rwuzuye mu gutegura uwo munsi.
- Ibihugu byarashyizeho Intumwa ishinzwe guverinoma na Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana
- Ibihugu bitanga ubushobozi bukwiye mu kongerera imbaraga imikorere ya Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana
- 

## Bitarenze mu 2020,

### Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana :

- Ikwiye gukomeza gutegura amahugurwa y'ibanze y'abagize Komite bashya;
- Ikwiye kuba yarakanguriye Repubulika ya Centrafrique, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Abarabu ya Sahrawi, Somaliya, São Tome na Principe, Sudani y'Amajyepfo na Tuniziya kugira ngo byemeze Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'imibereho myiza by'umwana, hashingiwe kuko byayashyizeho umukono ndetse no kuba byaremeje Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'umwana (CRC) ;
- Ikwiye kwifashisha uburyo Ibihugu bitangamo raporo kugira ngo isabe Botswana, Misiri, Mauritania na Sudani gukuraho ingingo byifasheho mu Masezerano Nyafurika ku Burenganzira n'imibereho myiza by'Abana ;


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

- Ikwiye gukangurira Benin, Botswana, Burundi, Cape Verde, Djibouti, Gineya Ekwatoriya, Gambiya, Gineya-Bissau, Seychelles, Swaziland na Zambia kugira ngo batange raporo zabo ; ibi bihugu, kuva muri 2016, ntabwo byigeze bitanga raporo kuri Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'imibereho by'abana; kandi mu by'ukuri byaramaze gutanga byibura raporo z'ibanze kuri Komite y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'umwana (UNCRC); mu gihe raporo y'Igihugu itabonetse, Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana igomba gukomeza ibikorwa by'isuzuma ku bibazo birebana n'uburenganzira bw'umwana muri ibi bihugu, ishingiye ku makuru harimo raporo z'imiryango ya sosiyete sivile;
- Igomba, ku bufatanye n'inzego zibishinzwe za Afurika Yunze Ubumwe, gutegura gahunda z'amahugurwa hagamijwe kongera ubushobozi bwa tekiniki bw'abayobozi bakuru ba Leta n'abanyamuryango ba sosiyete sivile kugira ngo bavugurure amategeko na politiki bijyanye n'abana no gutegura raporo zinoze nkuko biteganywa mu Masezerano Nyafurika ku Burenganzira n'imibereho myiza by'Umwana
- Igomba guhuza imbaraga kugira ngo byorohe gusangira amakuru ku mikorere myiza y'ibihugu mu guhuza amategeko, politiki n'imikorere y'igihugu n'ibiteganywa n'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'imibereho myiza by'Umwana;
- Ikwiye guhuza gahunda yo gutanga raporo y'ibihugu hakurikijwe Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana hamwe n'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana(UNCRC), ikagaragaza ibice byihariye bikubiye mu Masezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana
- Yari ikwiye kunoza uburyo bwo gusuzuma no kwemeza imyanzuro ihabwa ibihugu nyuma yuko bitanze raporo, mu rwego rwo kwirinda ko za raporo zitarasuzumwa ziba nyinshi
- Ikwiye kuba itanga imyanzuro yumvikana kandi isobanutse ku Bihugu.
- Igomba kuba yarashyizeho uburyo bunoze bwo gukurikirana ibyemezo bifatwa ku birego byakurikiranywe no ku myanzuro yatanzwe kuri za raporo, harimo no gusura ibihugu; Komite yarakurikiranye ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yahawe Kenya, Uganda na Senegal ku bibazo by'abana b'Abanyanubiya (Nubians), abana bo mu majyaruguru ya Uganda n'aba "Talibés" bo muri "Senegal".
- Igomba kugirira ubutumwa bw'akazi mu bihugu birimo abana bafite ibibazo ndetse no gutanga ibiganiro mbwirwaruhame ku bibazo bibangamiye uburenganzira bw'abana.
- Igomba gutangaza no kumenyekanisha ibikorwa byayo mu buryo bwagutse; inyandiko yuzuye kandi inoze y'ibikorwa byayo, ikubiyemo raporo z'ibihugu, imyanzuronama, raporo z'ubutumwa na raporo zayo za buri mwaka, bigomba kuboneka ku rubuga rwa murandasi (interineti) n'ahandi kandi mu buryo bworoshye
- Igomba, ku bufatanye n'abafatanyabikorwa bayo, gutegura ndetse no gusakaza ku buryo bwagutse ibyagaragaye mu nyandiko zifashishwa mu gukora ubukangurambaga ku burenganzira bw'abana muri Afurika
- Igomba kugabanya igihe gikoreshwa mu gukurikirana ibirego byatanzwe
- Yamenyekanishije Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'imibereho myiza by'Umwana


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

nk'inyandiko ikwiye gushingirwaho mu gukemura ibibazo , gutanga imyanzuronama ndetse no gutanga ibisobanuro.

- Ifatanya na Komisiyo Nyafurika ishinzwe uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage binyuze mu nama ngarukagihe, mu rwego rwo kumenya uburyo bw'imikoranire, icyuho, ubwuzuzanye no gusangira ubunararibonye, amasomo n'ubumenyi (harimo n'uburyo bwo gukemura ibibazo) no kwirinda gutatanya imbaraga mu buryo butari ngombwa.
- Ikorana n'urwego rw'Isuzuma Nyafurika Ngarukagihe (APRM) hagamijwe kunoza imikoranire y'urwo rwego n'imitangire ya za Raporo zIbihugu ku Masezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana.
- Binyuze mu buryo busanzweho bw'imiyoborere ya Afurika yunze Ubumwe, itegura ibiganiro bihoraho bihuza inzego za Afurika Yunze Ubumwe ku bibazo by'inyungu rusange, nk'akanama k'amahoro n'umutekano, Inteko Nyafurika Ishinga Amategeko, n'akanama ka Afurika Yunze Ubumwe gashinzwe ubukungu, imibereho myiza n'umuco .

## Bitarenze mu 2020,

### Umuryango w'Afurika yunze Ubumwe,

- Inzego za politiki zigomba gushyiraho uburyo bukenewe bwose kugirango bongerere ubushobozi abakozi n'inzego za Komite Nyafurika y'Impuguke. Ibi bizafasha komite gushyiraho nibura abanyamategeko babiri bahoraho no gutegura ubutumwa bw'akazi nibura inshuro 6 buri mwaka.
- Inama nshingwabikorwa n'inteko rusange bagomba gushyira ku murongo w'ibyigwa w'inama zabo ibibazo by'abana.
- Inzego za politiki zifatanije na Komite Nyafurika y'Impuguke ndetse n'abafatanyabikorwa b'imbere mu bihugu, zigomba gutegura gahunda y'amahugurwa kugirango hubakwe ubushobozi bw'abayobozi ba Leta ndetse n'abanyamuryango ba sosiyete sivile. Ibi bizafasha gukora amavugurura y'amategeko na za politiki ku burenganzira bw'abana ndetse binafashe gutegura raporo zinoze za buri gihugu ku Masezerano Nyafurika ku Bureganzira n'Imibereho myiza by'Umwana.

## Bitarenze mu 2020,

### Societe civile /Imiryango itari iya Leta:

- Ikora ku burenganzira bw'umwana ifite umwanya w'indorerezi muri Komite Nyafurika y'Impuguke kandi bagomba kugira uruhare mu nama n'imirimo ya Komite.
- Yifashisha Komite Nyafurika y'Impuguke ibasha gutanga ibirego na raporo zayo z'ibanga
- Yafashije gushyira mu ndimi z'ibihugu , mu kumenyekanisha ndetse no gusakaza Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho Myiza by'Umwana, ibikorwa bya Komite ndetse


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

n'uburenganzira bw'umwana muri rusange.

**Icyifuzo cya 2: Amategeko, politiki n'inzego bibereye abana biriho mu bihugu byose byemeje aya masezerano.**

## Bitarenze mu 2020, Ibihugu -

- Byaratangiye inzira yo kuvugurura mu buryo bwuzuye amategeko y'igihugu, ashingiye ku muco, ndetse n'ay'amadini n'amatorero yerekeye abana;

- Kuba hemeranijwe ishyirwaho ry'itegeko rimwe risobanutse ku burenganzira bw'abana rihuriza hamwe andi amategeko asanzweho ku bana ku rwego rwa buri gihugu; mu gihe iryo tegeko rihari, hagomba gushyirwa imbaraga mu mategeko, politiki n'inzego bibereye abana;

- Byarashyizeho inzego zubakitse, nk'inzego zishinzwe kureberera uburenganzira bw'abana, n'umuvunyi w'abana, kandi abana bakaba bamwe mu bazigize; byashyizeho inzego zikwiye, zifite inshingano y' ubuyobozi no kureberera ishyirwa mubikorwa ry'amategeko y'igihugu, politiki na gahunda zerekeranye n'abana, no kongera imbaraga mu bikorwa bya Komite Nyafurika y'impuguke ku burenganzira bw'abana;
- Bigomba kuba byarashyizeho urwego rwa politiki n'uburyo bwo guhuza ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zihuriweho ku bana, zishobora guhuza za minisiteri zose n'inzego zose bireba kimwe na sosiyete sivile, abikorera n'inzego zihagarariwe kandi ziyobowe n'abana ubwabo;
- Bigomba kuba byaremeje kandi byaratangiye gushyira mu bikorwa gahunda zabyo z'ibikorwa by'abana, harimo ingamba zo kurwanya ishyingirwa ry'abana.

## Bitarenze mu 2020, abafatanyabikorwa b'igihugu –

- Ku bufatanye n'inzego z'ingenzi za Afurika yunze Ubumwe hamwe na Komite Nyafurika y'Impuguke , bateguye gahunda zamahugurwa yo kubaka ubushobozi bw' Abakozi ba Leta n'abanyamuryango ba sosiyete sivile gukora ivugurura rijyanye n' amategeko na politiki bireba abana no gutegura raporo z'Ibihugu zinoze ku Masezerano ku Burenganzira n'imibereho myiza by'umwana;
- Barashyizeho uburyo bwiza bwo kwegeranya ibyakozwe, bworoshye, harimo no kubimenyekanisha ndetse n'ibyasesenguwe byiza ku bijyanye n'ihuzwa ry'amategeko, politiki n'imikorere n'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'umwana;
- Ikwiye kugaragaza ikiguzi giturutse ku ihutaza ry'uburenganzira bw'umwana ugereranyije n'inyungu zaturuka mu kurikumira

**Icyifuzo cya 3: Buri mwana wese uvutse n'indi mibare y'ingenzi ku buzima bw'umwana biranditswe.**


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

## Bitarenze Mu 2020, Ibihugu

- Byashyizeho ingamba zijyanye na Gahunda Nyafurika ku kwihutisha iterambere mu bijyanye no kwandikisha mu Irangamimerere n'Ibarurishamibare (APAI-CRVS);
- Byashyizeho uburyo bworoshye, budasaba ikiguzi bwo kwandika abana bakivuka;
- Byarashyizeho uburyo bworoshye bw'irangamimerere butareba gusa kwandika abavutse ahubwo bunareba kwandika ishyingiranwa no kwandukuza abapfuye, binyujijwe mu bukangurambaga bwo kwerekana akamaro ko kwandikisha abana mu rwego rwo guteza imbere uburenganzira bwabo ndetse no gukumira ishyingirwa ry'abana;
- Byagabanyije umubare w'abana batagira ubwenegihugu bibemerera kubona ubwenegihugu bw'ibihugu bavukiyemo; bikuraho amategeko abuza akumira umwana kubona ubwenegihugu akomora kuri Nyina, no gukuraho ivangura iryo ari ryo ryose ku guhabwa ubwenegihugu hashingiwe ko umwana cyangwa ababyeyi b'umwana ari impunzi, aho bakomoka, igitsina cyabo, ubwoko, ururimi, ubumuga cyangwa bavutse ku babyeyi batashyingiranywe n'izindi mpamvu.

## Bitarenze mu 2020,

- Komite Nyafurika y'Impuguke ku burenganzira n'imibereho myiza by'umwana Yashishikarije ibihugu byemeje aya Masezerano gushyiraho ingingo z'amategeko zemerera umwana uvukiye mu gihugu ku mubyeyi umwe w'umunyagihugu (yaba umugore cyangwa umugabo) nawe ahabwa ubwenegihugu bw'igihugu yavukiyemo.

## Bitarenze mu 2020, Imiryango ya sosiyete sivile/ Imiryango itari iya Leta n'abandi bafatanyabikorwa

- Yarabashije kwigisha no gukangurira ababyeyi akamaro ko kwandikisha abana bakivuka n'uburyo bikorwamo.

### Icyifuzo cya 4: Buri mwana afite uburenganzira bwo kubaho no kugira ubuzima bwiza

## Bitarenze mu 2020, Ibihugu

- Byaragabanyije ku kigero cya kimwe cya gatatu(1/3) cy'impfu z'abana bavuka batagejeje igihe ziterwa n'indwara zitandura binyuze mu kuzirinda, kuzivura ndeste no kwita ku buzima bwo mu mutwe n'imibereho myiza;
- Byarashyizeho uburyo bwo kubona serivisi z'ubuzima bw'imyororokere kuri bose, harimo kubona amakuru no kwigishwa ku kuboneza urubyaro, no gushyira gahunda z'ubuzima bw'imyororokere muri gahunda n'ingamba z'igihugu ;


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

- Bitanga serivisi z'ubuzima kuri bose, kubona ubuvuzi bw'ibanze bwiza, budahenze, kubona imiti n'inkingo byujuje ubuziranenge, kandi bihendutse kuri bose;

- Byarakingiye impinja zose indwara y'iseru n'imbasa ; kandi bishyira imbaraga muri gahunda z'ubuzima kugirango bikomeze gahunda yo gukingira abana bose indwara zose zikomeye , hagendewe kuri Gahunda Mpuzamahanga y'Ikingira (GVAP) 2011-2020;

- Hagendewe ku Itangazo ryerekeranye n'Ikingira, bimaze gukingira nibura 90% mu gihugu cyose nkuko bisabwa na Gahunda Mpuzamahanga y'Ikingira, ndetse nibura 80% muri buri Karere, ku nkingo zose ziri mu gihugu;

- Byarashyize iherezo ku mpfu zakwirindwa z'abana bakivuka n'abari munsi y'imyaka itanu;

- Byarashyizeho gahunda zigamije gukangurira no kwigisha ababyeyi hagamijwe kububakira ubushobozi ku buryo bwo kwita ku bana bakivuka;

- Byabashije kugera ku ntego yo guha imiti igabanya ubukana byibuze 90% by'abagore batwite babana na virusi itera SIDA;

- Byarahagaritse ubwandu bushya bwa Virusi itera Sida nibura kuri 90% mu bana; no kuba byagabanyije nibura ku kigero cya 50% umubare w'impfu zituruka ku bwandu bwa virusi itera sida, ku bagore batwite.

- Byaranogeje gahunda zigamije kugabanya ubwandu bwa virusi itera Sida mu ngimbi n'abangavu;

- Byaravuguruye gahunda zigamije kongerera imbaraga ubuvuzi bw'ibanze kugira ngo hatangwe serivisi z'ubuvuzi zifite ireme ku bana n'ababyeyi;

- Byarubatse ibigo nderabuzima n'ibitaro bigenewe kuvuriwamo abana kandi ibyo bigo nderabuzima n'ibitaro bikaba byubatse mu buryo bubereye abana;
- Bitanga imiti igabanya ubukana ku bana bose bafite ubwandu bwa Virusi itera Sida;

- Biha umwihariko ibikorwa byo kuvura no kurinda ubwandu bwa Virusi itera Sida, igituntu, malaria, umusonga n'impiswi, kugira ngo impfu z'abana bari munsi y'imyaka 5 zigabanuke.

- Bigomba kuba byaranogeje iby'ibanze nkenerwa mu bikorwa birengera abana byagaragajwe hashingiwe ku ngamba zatanze umusaruro nko kwihutisha gahunda z'ubuzima n'iterambere by'umwana hamwe n'uburyo buhujwe bw'imicungire y'indwara z'impinja n'abana bato nka


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

kimwe mu bigize politiki na gahunda z'ubuzima z'Igihugu, ingamba zo kugabanya ubukene n'amavugurura ry'urwego rw'ubuzima;

- Bigomba gutanga inzitiramibu ziteye umuti ku bana bose bari munsi y'imyaka itanu batuye mu bice bigaragaramo malariya;
- Bigomba kuba byaragabanyije umubare w'impfu z'ababyeyi bapfa babyara nibura ku kigero cya 500 ku 100.000;
- Bigomba kuba byanogeje serivisi zihabwa abagore batwite, ibyo bigatuma umubare w'abagore bagana izo serivisi wiyongera;
- Bigomba kuba byarongereye umubare w'abajyanama b'ubuzima bita ku babyeyi batwite kandi byarashishikarije abaturage umumaro wabo , kugira ngo umubare w'abagore batwite bakurikiranwa n'abaganga wiyongere cyane mu gihe cyo kubyara;
- Bigomba kuba bigenera nibura 15% by'ingengo y'imari y'igihugu ibikorwa by'ubuzima, hashingiwe ku byemeranyirijwe Abuja na Dakari ku bijyanye n'isaranganywa ry'ingengo y'imari ;
- Bigomba kuba byarashyizeho ibikorwa remezo bikora kandi bifite ibikoresho bya ngombwa mu rwego rwo guhangana n'ibibazo bijyanye n'ubuzima bw'abana; Ibihugu bigomba gukora ku buryo ibyo bikorwa remezo bibasha gufasha guhangana n'ibibazo bitunguranye harimo indwara z'ibyorezo nka Ebola muri Guinea, Liberia no muri Sierra Leone;
- Bigomba gufasha abaturage, by'umwihariko hitabwa ku guteza imbere imibereho myiza kugira ngo birinde indwara. Minisiteri z'Ubuzima zigomba gufata iya mbere mu guhuza ibikorwa byose bifite aho bihuriye n'ubuzima hagamijwe gukemura ibibazo by'ubuzima biterwa n'imibereho y'abantu. Inshingano zijyanye n'ibikorwa by'ubuzima zigomba kubarizwa mu nzego nkuru z'Igihugu;

## Bitarenze mu 2020,

### Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe

- Inzego za politiki zaravuguruye ibyemezo byazo bifatwa hagamijwe guhangana n'impfu z'ababyeyi bapfa babyara, hashingiwe ku Bukangurambaga bw'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe mu Kwihutisha kugabanya impfu z'ababyeyi bapfa babyara, kandi zaratangiye ubukangurambaga bujyanye no kugabanya cyane impfu z'abana. Inzego za politiki zagombye

kwita by'umwihariko ku bihugu byugarijwe n'ikibazo cy'impfu z'ababyeyi bapfa babyara ku kigero kirenze 500/100,000 (muri Sierra Leone(1.100); Chad(980);Repubulika ya Centre Africa (880), Somalia (850), Burundi (740), Repuburika Iharanira Demokarasi ya Kongo (730), Sudani y'Amajyepfo (730), Côte d'Ivoire (720), Guinea (650), Liberia (640), Niger (630), Cameroun (590), Guinea Bissau (560), Nigeria (560), Mali (550), Malawi 510, kugira ngo zibifashe kugabanya mu buryo bugaragara impfu z'ababyeyi bapfa babyara mu bihugu byabo;

- Warashyizeho ingamba zisobanutse mu guhangana n'ibibazo by'ubuzima bitunguranye nk'Icyorezo cya Ebola muri Afurika y'Uburengerazuba; Warafashije gushyiraho umurongo uhuriweho n'Ibihugu bya Afurika ku bijyanye n'uburyo abakora mu nzego z'ubuzima bava mu gihugu bajya mu kindi ukanayobora ibihugu bigize Umuryango w'Ubukungu, Ubutwererane n'Iterambere guhangana n'ingaruka ziterwa n'urwo rujya n'uruza rwabo mu nzego z'ubuzima za Afurika.

### Icyifuzo Cya 5:Umwana Wese Akura Abona Indyo Yuzuye Kandi Afite Iby'ibanze Mu Buzima

## Bitarenze mu 2020, Ibihugu:

- Byarashyigikiye ibikorwa bishingiye ku muryango n'abaturage ubwabo bigamije gusigasira ubuzima, imirire, n'imibereho myiza by'abana harimo kugezwaho amazi meza yo kunywa, ibikorwa by'isuku n'isukura binoze, n'ibikorwa bijyanye no kwita ku mirire y'abana bato ndetse n'ingamba zo kwihaza mu biribwa igihe bikenewe.;
- Byaragennye ubushobozi buhagije ku bijyanye n'imibereho myiza y'abana, by'umwihariko kubona iby'ibanze mu mirire, ubuzima, n'uburezi binyuze muri gahunda yo gufasha abakennye kurusha abandi harimo n'abana babayeho nabi kurusha abandi. Ibihugu bigomba kongera imari bishora muri serivisi z'ibanze zigenewe abaturage babyo hitabwa cyane cyane ku bana;
- Byarageze ku ntego rusange yo kwegereza amazi abaturage no kuyabona ku giciro kidahenze kuri bose, no kubafasha kubona serivisi zikwiriye z'isuku n'isukura, hitabwa cyane ku bikenerwa n'abagore n'abakobwa by'umwihariko abari mu kaga.
- Byita ku bakennye kurusha abandi ndetse n'abari mu kaga mu gihe bitanga ubufasha, mu rwego rwo kugabanya ubusumbane bushobora kugira ingaruka ku baturage harimo n'abana.
- Byaremeje kandi bishyira mu bikorwa politiki na gahunda zo kwita ku bafite ibibazo by'imibereho, urugero nko kubaha inkunga y'amafaranga cyangwa inkunga zigenewe abana badafite kivurira, by'umwihariko abana bayoboye imiryango.
- Bifite inzego zishinzwe imibereho myiza y'abaturage, hashyirwaho gahunda zigamije kunoza imikorere no kubakira ubushobozi abashinzwe gutanga serivisi z'imibereho myiza.
- Byashyizeho ingamba zisobanutse ku burenganzira bw'abana ku mibereho myiza n'ubukungu mu mategeko asanzwe cyangwa mu itegekonshinga rya buri gihugu.
- Byarashyizeho kandi bishyira mu bikorwa gahunda zishoboka zijyanye no kwita ku mibereho


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

myiza, zirimo nibura inkunga z'ingoboka zigenewe abana bo mu miryango ikennye, binyuze muri gahunda zinoze zo kwita ku mibereho myiza ndetse no kwita ku bakennye kurusha abandi.

- Byarafashe ingamba z'umwihariko zo kurengera abana batishoboye n'abana b'abasigajwe inyuma n'amateka no kubashyira muri gahunda zabyo.
- Byarashyizeho kandi bishyira mu bikorwa neza amategeko abuza gushora abana mu busabirizi.
- Byarakoze inyigo kandi byarashyizeho na za politiki zirengera abana bakeneye kurerwa n'abandi batari ababyeyi babo bwite cyangwa kwitabwaho by'umwihariko.
- Bigomba kuba byarakemuye ibibazo by'abakennye uko bishoboka kose,kandi mu buryo buboneye hitabwa ku bana bose nta vangura ndetse hatitawe ku mpamvu zo kutishobora. Guteza imbere uburenganzira bw'umwana n'ibindi bikorwa by'iterambere bikwiye kujyana no gutanga serivisi ku bana batishoboye mu buryo buboneye kandi burambye.
- Byarakemuye intandaro z'ibibazo byo kutishobora ndetse n'iby'ihezwa ry'abana, kandi ntibikwiye gukoresha amategeko mpanabyaha ku bana b'inzererezi n'abandi bakeneye kwitabwaho by'umwihariko.
- Byarashyizeho amategeko yoroshya uburyo bwo kurerera abana mu miryango no kubera umubyeyi umwana utabyaye kandi bigashishikariza abaturage ibyiza by'izi gahunda zombi ku bana batagira imiryango.

## Bitarenze mu 2020,

### Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana

- Yarasuzumye ingingo za Raporo z'Ibihug  zivuga ku bana bakennye cyane ndetse n'abatishoboye.

- Yarafashije Ibihugu kumenya neza niba uburenganzira ku mibereho n'ubukungu bwubahirizwa mu buryo bwemewe n'amategeko ibihugu bigenderaho.

## Bitarenze mu 2020,Afurika yunze Ubumwe

- Inzego za politiki zigomba kuba zarafashe iya mbere mu kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya Politiki  y'Imibereho Myiza ya Afurika yunze bumwe, binyuze mu gushyiraho  uburyo bw'igenzura bugaragaza ibikwiye kwitabwaho ndetse n'igihe ibyari biteganyijwe bikwiye kuba byakozwe.

## Bitarenze mu 2020, abafatanyabikorwa ku rwego rw'Igihugu

- Bagomba kuba baragize uruhare mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda zo


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

kurengera imibereho myiza kandi bagakora ibishoboka byose bagahuza ibikorwa byabo na zo.

- Ibigo by'ubushakashatsi bigomba gukora inyigo kandi bigatanga n'amakuru ashishikariza abantu gusobanukirwa inyungu ziri mu kurengera imibereho myiza kugira ngo habeho izamuka ry'ubukungu hitawe cyane cyane ku bafata ibyemezo n'ababishyira mu bikorwa ndetse no kumenyesha inyungu z'igihe kirekire ziri mu bukungu bushingiye ku kurengera imibereho myiza birenze indangagaciro n'uburenganzira bwa muntu.

## Bitarenze mu 2020, abafatanyabikorwa mu iterambere

- Bakwiye kuba bariyemeje kongera ishoramari rirambye mu kubaka no guteza imbere inzego z'igihugu zita ku mibereho myiza hitabwa ku kubongerera ubumenyi n'ubushobozi bwo gukora neza.

- Bagomba kwiyemeza gutera inkunga hashingiwe ku isesengura ryagutse ku byagaragajwe ko bikeneye inkunga bikozwe muri gahunda yo kurengera imibereho myiza yateguwe mu buryo bwumvikanyweho kugira ngo ingamba zo kurengera imibereho myiza zikorwe kandi ziyoborwe na Leta.

### ICYIFUZO CYA 6
### Buri Mwana Agomba Kubona Uburezi Bufite Ireme

## Bitarenze mu 2020, Ibihugu

- Bigomba kuba bifite kandi bishyira mu bikorwa Politiki y'imbonezamikurire y'abana bato hitabwa ku mikurire y'umwana, imibanire no kumufasha kuva avutse kugeza mu mashuri abanza.
- Bigomba kuba byarashyizeho amategeko kandi bikamenya neza niba abana b'abakobwa babasha kwiga.
- Bigomba kuba byarakuyeho imbogamizi zishingiye ku gitsina mu burezi ndetse bakanafasha abana b'abakobwa kugira amahirwe angana yo kwiga mu byiciro byose .
- Bigomba kuba bifite politiki igena ko uburezi bw'amashuri abanza ari itegeko n'ayisumbuye ari ubuntu.
- Bigomba kuba byarongereye ku buryo bugaragara umubare w'abakiri bato bahabwa ubumenyi n'ubumenyi ngiro, bituma babona akazi ndetse bakabasha no kwihangira imirimo.
- Bigomba gukoresha ibishoboka byose abanyeshuri bagahabwa ubumenyi bukenewe mu kugera ku iterambere rirambye binyujijwe mu burezi ku iterambere rirambye, uburenganzira bwa muntu, uburinganire, guteza imbere umuco w'amahoro no kurwanya ihohoterwa, kwisanisha n'abandi no gusobanukirwa uruhare rw'imico itandukanye ku iterambere rirambye.

- Bigomba kuba byarubatse inyubako z'amashuri bikanavugurura izishaje hitawe ku ziber-eye abana, abafite ubumuga, zitavangura zishingiye kugitsina kandi zikaba ziri ahantu hari umutekano buri wese yisangamo.
- Bigomba kuba byarashyizeho urwego rw'amategeko rwo kugenzura no gukurikirana serivisi z'uburezi zitangwa n'ibigo bitari ibya Leta.
- Bigomba kuba byarongereye umubare w'abarimu babifitiye ubushobozi, binyuze mu bufa-tanye mpuzamahanga bwo guhugura abarimu mu bihugu biri mu nzira y'amajyambere.
- Bigomba kuba byarateje imbere imikoreshereze y'indimi gakondo nyafurika, zigakoreshwa mu myigishirize kandi zikigwa nk'isomo.
- Bigomba kuba byarongeye mu nteganyanyigisho zose zo mu mashuri abanza n'ayisumbuye amasomo ajyanye n'uburenganzira n'inshingano z'umwana nk'uko biteganywa mu Itegekon-shinga n'andi mategeko.
- Bigomba kuba byarakoze ibishoboka byose amategeko akaba ateganya ko uburezi kuri bose buba itegeko kandi ku buntu. Ibihugu bigomba kwita ku abana bari mu buzima bugoranye n'abakorerwa ivangura, cyane cyane mu bice by'ibyaro, ndetse n'abana batagira kivurira, hari-mo abana bafite ubumuga n'abana bo mu miryango y'abasigajwe inyuma n'amateka.
- Bigomba kuba bishora byibuze 15% by'ingengo y'imari y'igihugu mu buzima hashingiwe ku biteganywa mu itangazo rya Abuja ndetse na 9% by'umusaruro mbumbe mu burezi hashingi-we ku biteganywa mu Itangazo ry'I Dakar ku by'ingengo y'imari ikwiye gushyirwa mu burezi.

## Bitarenze mu 2040, Afurika yunze Ubumwe

- Ikwiye kuba ifite imikoranire n'impuguke mu burezi zo mu Bihugu bitandukanye hagamijwe gushyiraho integanyanyigisho irangwa kandi ishingiye ku mahame rusange yita ku burengan-zira no ku buringanire.
- 

### ICYIFUZO CYA 7:
### Umwana Wese Arindwa Ihohoterwa ,Gushakirwaho Indonke, No Gutereranwa

## Bitarenze Mu 2020, Ibihugu:

- Bigomba kuba byarabujije ikoreshwa ry'ibihano bibabaza umubiri nk 'uburyo bwo gukosora cyangwa guhana abana yaba mu mashuri, mu bindi bigo ndetse no mu butabera.
- Kuba nibura imyaka yo kwemererwa gukora akazi ihera kuri 15 kuzamura; iyi myaka kandi igomba kuba ihura n'imyaka yateganyijwe yo kurangiza amashuri y'ibanze.
- Bigomba kuba byarakuyeho ibikorwa byose bibi bishingiye ku muco n'icuruzwa ry'abana ndetse binakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mategeko.
- Bigomba kuba byarinjije mu mategeko yabyo ingingo ziteganya ko imyaka mike yo gushyin-girwa ari 18, nk'uko biteganywa mu mategeko mpuzamahanga.


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

- Bigomba kuba byarakuyeho ubwoko bwose bw'ihohoterwa ryaba irikorewe ku mubiri, irikorewe ku gitsina no gushakirwaho indonke, icuruzwa hagamijwe gusambanywa, gukata bimwe mu bice by'imyanya ndangagitsina ku bagore, ishyingirwa ry'abana, no gushora abana mu bikorwa by'urukozasoni ndetse bikanakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mategeko.
- Bikwiye kuba bikorana n'Umuryango w'Abibumbye, Afurika yunze Ubumwe n'imiryango nterankunga mu rwego rwo kurinda abana guhohoterwa n'abashinzwe ibikorwa by'ubutabazi, abasirikare, n'abari mu butumwa bw'amahoro ndetse mu gihe hari abakoze ibyo byaha bakaba bakurikiranwa bakanahanwa.
- Bifatanyije n'abandi bafatanyabikorwa, bigomba kuba byarateguye inyigo igamije kumenya impamvu zibuza ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko arwanya ihohoterwa rikorerwa abana no gushakirwaho indonke ndetse bigashyiraho ingamba zituma ishyirwa mu bikorwa rigenda neza.
- Bikwiye kuba byarashyizeho uburyo bwo gutanga amakuru no gukora ubukangurambaga bugamije gukuraho imigenzo mibi ishingiye ku muco, byarashyizeho uburyo bw'ibiganiro bihuza abaturage kandi bikongerera ubumenyi abantu bose bakorera kandi bakorana n'abana.
- Bikwiye kuba byarashyize imbaraga mu mikoranire n'abayobozi gakondo ndetse n'abayobozi mu by'imyizerere hashingiwe ku ijwi bafite muri rubanda kugira ngo bafatanye mu bukangurambaga mu miryango bugamije kwerekana ingaruka z'imigenzo mibi ishingiye ku muco ikorerwa abana, kubafasha kumenyako iyo migenzo itemewe cyangwa idashingiye ku idini mu rwego rwo gutuma habaho impinduka zizafasha mu kurandura iyo migenzo burundu.
- Bigomba kuba byarashyizeho kandi bishyira mu bikorwa amategeko arwanya ihohoterwa iryo ariryo ryose rikorerwa abana, (harimo irishya n'irindi rigenda ryaduka) hifashishijwe ingingo z'amategeko zitanga ibisobanuro birambuye ku bujyanama buhabwa abana bahohotewe, gutanga amakuru, kugenza no gukurikirana ibikorwa byerekeranye n'ihohoterwa rikorerwa abana.
- Bigomba kuba byarashyizeho uburyo bwo gukemura ikibazo cy'umuco wo kudahana hanarebwa intandaro z'ibikorwa by'imigenzo mibi ishingiye ku muco, harimo ivangurwa rikorerwa abana batagira kivurira.
- Bigomba kuba byarakuye mu mategeko yabyo ingingo zishyigikira cyangwa zigaragaza ko byemeranyijweho gukora imigenzo mibi ishingiye ku muco ikorerwa abana , bitwaje ko bishingiye ku muco, imigenzo gakondo, icyubahiro cyangwa imyemerere.
- Bigomba kuba byarashyizeho ingamba n'amategeko harimo kuvugurura amategeko na za politiki, gushyiraho uburyo busobanutse bwo kurandura burundu ibikorwa byo kwibasira, kwica no kuvangura abana bafite ubumuga bw'uruhu.
- Bigomba kuba byarashyizeho gahunda na serivisi zinoze zigamije gukumira no gukemura ibibazo by'ihohoterwa rikorerwa abana; bigahuzwa na gahunda zagutse zo kurengera imibereho myiza ndetse no guteza imbere no gushyigikira ibikorwa bijyanye no kurengera umwana ku rwego rw'ibanze.
- Bigomba kuba byarongereye imbaraga mu buvugizi buhuriweho hagamijwe guteza imbere indangagaciro zo kurwanya ihohoterwa no gukangurira abantu guhindura imyumvire itanga


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

icyuho cyangwa yoroshya ibikorwa by'ihohoterwa rikorerwa abana ku nzego zose.

- Bikwiye kuba byarakoze ubukangurambaga bugamije kurwanya ishyingirwa ry'abana, bifatanyije n'imiryango itari iya Leta, imiryango ikorera ku rwego rw'ibanze mu baturage,abayobozi gakondo, ab'amadini n'amatorero ndetse n'abikorera ku giti cyabo harimo n'itangazamakuru.
- Bigomba kuba byaragennye uburyo bwo kugenzura ibikorwa by' itangazamakuru (radiyo na televiziyo) ndetse n'imbuga nkoranyambaga nka zimwe mu nzira zikoreshwa mu guhohotera abana.
- Bigomba kuba byarashyizeho amategeko akuraho gukata imyanya ndagagitsina y'abagore, kwigisha abaturage no gukangurira abakozi bakora muri serivisi z'ubuzima kwirinda kwinjiza muri serivisi z'ubuvuzi gukata imyanya ndagatsina ku bagore.
- Bikwiye kuba byarongereye umubare w'ingimbi n'abangavu babona serivisi zo kuboneza urubyaro

## Bitarenze mu 2020, abayobozi gakondo n'ab'amadini n'amatorero:

- Bagomba kuba baragize uruhare rugaragara mu kurinda umwana ihohoterwa, urugero nk'imigenzo mibi ishingiye ku muco hashingiwe ku ijambo bafite mu muryango mugari kugira ngo bafatanye mu bukangurambaga mu miryango bugamije kwerekana ingaruka z'imigenzo mibi ishingiye ku muco  ikorerwa abana. Bagomba kubafasha kumenyako iyo migenzo itemewe cyangwa idashingiye ku idini mu rwego rwo gutuma habaho impinduka zizafasha mu kurandura iyo migenzo burundu.

## Bitarenze mu 2020, ibigo bishinzwe uburezi, iby'ubushakashatsi n'abacurabwenge

- Bagomba kuba barakoze ubushakashatsi bwibanda ku burenganzira bw'abana, by'umwihariko harebwa ahari icyuho mu ishyirwa mu bikorwa. Ubwo bushakashatsi bukwiye kuzaba bugaragaza ibikorwa, bukaba bushingiye ku bikenewe n'umuryango mugari, bukagirwamo uruhare mu buryo bwaguye, bukareba ku bintu bitundakunye mu buzima bw'abana. Ntibukwiye gushingira gusa ku bitekerezo by'abanyamategeko kandi bukwiye kuba bugaragaza ibikwiye gukorwa.

## Bitarenze mu 2020, Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza y'abana:

- Igomba kuba yaramenye abandi bashobora kugira uruhare mu gushyiraho imirongo ngenderwaho mu rwego rwo guhindura imyitwarire ifatanyije n'abafatanyabikorwa b'imbere mu gihugu.
- Ifatanyije n'abacurabwenge n'ibigo by'uburezi, ikwiye kuba yaragize uruhare mu bushakashatsi bugamije kugaragaza icyuho kiri mu ishyirwa mu bikorwa hagamijwe impinduka mu mibereho.

## Bitarenze mu 2020, abafatanyabikorwa b'imbere mu gihugu:


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

- Bakwiye kuba baragize ibiganiro ku rwego rw'igihugu bigamije gukuraho ibihano bibabaza umubiri bikorerwa ahandi hantu hose hatari mu rugo .
- Mu bijyanye no gukorana n'abana bakwiye kuba bafite politiki yo kurinda no kurengera umwana kugira ngo habeho ahantu habereye abana, urugero nko kugabanya icyo aricyo cyose cyatuma habaho ihohoterwa rikorerwa umwana aho bakorera.
-

## Bitarenze mu 2020, Afurika yunze Ubumwe

- Igomba kuba yarihutishije umushinga wo kurandura Ishyingirwa ry'abana mu bihugu icyo kibazo kigaragaramo binyuze mu gushyiraho, kunoza, gushyira mu bikorwa ingamba z'ibihugu no kugaragaza ibikwiye gukorwa mu rwego rwo kurandura ishyingirwa ry'abana.
- Igomba kuba yarakajije ingamba zerekeranye n'ubukangurambaga ndetse n'ubuvugizi bugamije kurandura uburyo ubwo aribwo bwose bw'ihohoterwa rikorerwa abana.

### Icyifuzo 8: Abana Bahabwa Umwihariko Mu Mikorere Y'ubutabera Mpanabyaha. Bitarenze Mu 2020, Ibihugu:

- Bigomba kuba biteganya mu mategeko yabyo ko uburyozwacyaha bwahera ku myaka 12 kuzamura
- Bigomba kuba byarashyizeho ndetse binashyira mu bikorwa amategeko agaragaza neza ko abana batandukanywa n'abantu bakuru muri za gereza.
- Bigomba kuba byarashyizeho uburyo bwo bwihutisha iperereza kandi bakibanda ku bibazo by'abana yaba baregwa ,bakorewe ibyaha cg se ari abatangabuhamya.
- Bigomba kuba byarashyizeho gahunda zikangurira abakora mu butabera, abashyira mu bikorwa amategeko n'abandi bose bafite aho bahurira n'ibibazo by'inshinjabyaha gutanga serivisi zibereye abana.
- Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa b'imbere mu gihugu, bigomba kuba byaratangije ubukangurambaga ku bakora mu rwego rw'ubutabera ndetse n'abaturage bose muri rusange ku kamaro ka gahunda ishingiye ku burenganzira kandi ibereye umwana mu rwego butabera.
- Bigomba kuba byarongereye ubushobozi inzego zishyira mu bikorwa amategeko kugira ngo zikomeze kwita ku bana mu kazi zishinzwe.
- Bigomba kuba byarakuyeho igihano cy'urupfu kubyaha byakozwe n'abana. Ibihugu bigomba gukora ibishoboka byose kugira ngo igihano cy'urupfu kidatangwa ku bagore batwite cg abagore bafite abana bato.
- Bigomba kuba byarafashe ingamba zihariye zifasha kutihutishiriza abana mu nkiko mu gihe bakoze ibyaha ndetse ziha abana ubutabera bwunga. Ibihugu bigomba kugororera abana mu bigo bibafasha kubona ubumenyi n'uburyo buzabafasha kwisanga mu muryango mugari bitagize ingaruka ku mitekerereze n'imiterere yabo.
- Bigomba kuba byarasuzumye ko imikirize y'imanza yita ku bindi bihano bitari igifungo mu


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

gihe ababyeyi cyangwa abarera abana bahamwe n'ibyaha. Ibihugu bigomba gushyiraho ubundi buryo bwo kurera umwana ufite ababyeyi cg abamurera bafunze. Ibihugu bigomba kuba byarubatse ahantu hihariye muri gereza hagenewe abana bafite ababyeyi cyangwa ababarera bafunze.Ibi bigakorwa mu rwego rwo kwita ku nyungu z'umwana.

- Bigomba kuba byarashyizeho ubundi buryo butari ubwo gufungwa by'agateganyo , harimo nko gutanga ingwate no guhabwa inyandiko zisaba kwitaba inkiko.
- Bigomba kuba byarashyizeho uburyo buhamye bwo gukusanya amakuru y'ukuri, ku byiciro binyuranye ku bikorwa ndetse n'imitangire y'ubutabera nshinjabyaba ku bana;harimo no kugendera ku myanzuro y'izindi manza z'abana zaciwe, imiterere y'izo manza, ndetse n'ibipimo ngenderwaho byerekeranye n'amakuru ku butabera bw'abana bihura n'ibipimo mpuzamahanga ku burenganzira bw'abana.
- Bigomba kuba byaratangiye gushyiraho uburyo buboneye kandi bwita ku ihame ry'uburinganire mu gushaka ibisubizo ku byaha byakozwe n'abana b'abakobwa
- Bigomba kuba byarashyizeho inzego zigenga zibifitiye ubushobozi zikora ubugenzuzi buhoraho ahantu hose hafungirwa abantu n'iyo zitaba zateguje; zihabwa uburenganzira bwo gusura aho hantu hose hafungiwe abantu, ndetse no kugirana ibiganiro n'abana n'abakozi mu muhezo.
- Bigomba kuba byarasuzumye ndetse bikanashyiraho ingamba z'ikumira zigamije gukemura intandaro zituma abana bakora ibyaha, harimo nk'ubukene n'ubusumbane hitabwaho ku kudahezwa no kubona serivisi z'ibanze, ndetse n'abana bafite ibyago byinshi byo gukora ibibujijwe n'amategeko bakeneye kwitabwaho by'umwihariko.
- Bigomba kuba byarashyizeho Politiki yo kurengera abana mu bigo bigororerwamo abana, izwi n'abakozi bose, ikagaragaza ibikwiye gukorwa kuri buri rwego yaba ari uburyo bwo gutanga ibirego ndetse no gukemura ibibazo by'ihohoterwa byagaragajwe.
- Bigomba kuba bifite serivisi zo kugorora no gusubiza mu buzima busanzwe abana bakoze ibyaha binyuze mu buryo butandukanye harimo n'abashinzwe imibereho myiza .
- Bigomba kuba biha umwihariko ibibazo by'abana bahohotewe cyangwa abatangabuhamya haba mbere, mu gihe ndetse na nyuma y'urubanza.

## Bitarenze mu 2020, Komite Nyafurika y'Impuguke:

- Igomba kuba hari icyo yakoze ku bijyanye n'imikorere y'urwego rw'ubutabera bw'abana, Urugero nko kugaragaza inshingano z'ababyeyi, uruhare rw'umuryango mugari ndetse n'amashuli mu burere bw'abana ku byerekeranye n'icyiza n'ikibi.

## Bitarenze mu 2020, ibigo bikora ubushakashatsi:

Bigomba kuba byarakoze ubushakashatsi bugaragaza neza imiterere n'ibikenewe mu gusubiza mu buzima busanzwe abana b'abakobwa bakoze ibyaha.
Bigomba kuba byarakoze ubushakashatsi bugaragaza impamvu ndetse n'ingaruka z'imyitwarire


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

y'abana bakora ibyaha.

**Icyifuzo Cya 9: Buri Mwana Arinzwe Ingaruka Z'intambara N'ibiza**

## Bitarenze mu 2020, IBIHUGU

- Bigomba kuba byaremeje ko imyaka mike yo kujya mu gisirikari ari 18 kuzamura kandi bakita cyane ku ishyirwa mu bikorwa ryabyo.
- Bigomba kuba byarongereye ubushobozi abana ndetse n'urubyiruko mu rwego rwo kubafasha kuba umusemburo w'amahoro no kurwanya amakimbirane. Abana n'urubyiruko bafite uruhare runini mu kurwanya amakimbirane ndetse no kubaka amahoro. Ibi bivuze ko bagomba by'umwihariko kugira uruhare muri gahunda zose zo kurwanya amakimbirane.
- Bigomba kuba byarakoze iperereza ku gihe ndetse byaranakurikiranye ibyaha byakorewe abana mu gihe cy'intambara no kugenera ubufasha abahohotewe.
- Bigomba kuba byarakemuye intandaro z'amakimbirane kugira ngo harwanywe ingaruka z'intambara ku bana, bityo hubakwe uburyo bwo kurinda umwana buhamye kandi burambye mu mijyi no mu byaro.
- Bigomba kuba byarashyizeho ingamba zihariye zo guca umuco wo kudahana ibyaha bikorerwa abana,ndetse n'abagize uruhare mu guhohotera uburenganzira bw'abana mu bihe by'intambara bakabibazwa kandi bagahanwa.
- Bigomba kuba byarashyizeho ingamba zihariye zo guca umuco wo kudahana ibyaha bikorerwa abana mu bihe by'intambara; izo ngamba zigomba kugezwa no mu bihugu bitabayemo intambara, hashyirwaho amategeko ndengamipaka kuri ibyo byaha, hitabwa ko amategeko y'Ibihugu ahuza n'amategeko agenga Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha (ICC);hakurikizwa amahame mpuzamahanga, hitabwa kandi ko amategeko y'igihugu ahana icuruzwa ry'intwaro zijyanwa mu bihugu bikunze kugaragaramo kwinjiza abana mu gisirikare.
- Bigomba kuba byaravuguruye bikanashyira mu bikorwa amategeko hagamijwe kurandura icuruzwa ry'intwaro ku bihugu bishora abana mu ntambara, harimo ubucuruzi bw'intwaro nto.
- Bigomba kuba byarongeye uburyo bwo guhangana n'ibiza mu nteganyanyigisho z'amashuri.
- Bigomba kuba byaravuguruye kandi byaremeje politiki na gahunda zabyo zijyanye n'imicungire y'ibiza hitabwa ku kumenya no gukemura ibibazo by'abana n'imiryango yabo.
- Bigomba kuba byarashyizeho politiki na gahunda ziteganya uburyo bw'umwihariko bwo kurinda no gufasha abana batandukanye n'imiryango yabo hakabaho n'ibyemezo byo kongera kubahuza n'imiryango yabo.
- 

## Bitarenze mu 2020, Umuryango w'Afurika yunze Ubumwe:

- Inzego za politiki za Afurika Yunze Ubumwe zigomba kuba zaragenzuye ko uburyo bwo kugarura no kubaka amahoro bwashyizweho mu buryo bubereye abana, harimo ingingo zihariye ku bana mu mazeserano y'amahoro, uruhare rw'abana muri izo gahunda no kugena


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614

iby'ibanze nkenerwa ku bana.

### Icyifuzo Cya 10: Ibitekerezo By'abana B'abanyafurika Bifite Agaciro

## Bitarenze mu 2020, Ibihugu:

- Bigomba kuba byarashyizeho amategeko ashyiraho inzego ziha abana kugira uruhare mu itorwa ry'amategeko no mu bikorwa by'ibigo byihariye bifite mu nshingano abana;

- Bigomba kuba byarahaye agaciro ibitekerezo by'abana n'iby'urubyiruko mu buryo bwo kugenzura uruhare rw'amategeko, politiki na gahunda bibareba ;
- Bigomba kuba byarashyizeho gahunda y'igihugu yo kwigisha ababyeyi uburyo bukwiye bwo gufasha abana kugira uruhare mu muryango, mu ifatwa ry'ibyemezo ku bibazo byose bijyanye n'umwana, guha umwana amahirwe yo kubaza ibibazo no guha agaciro ibyo bitekerezo bishingiye ku mitekerereze n'imikurire bye.

## Bitarenze mu 2040, Ibihugu

- Ku rwego rw'umuryango, hakwiye kuba hari umuco wo kudaheza, umwana akaba agira uruhare byemezo byose bimureba bifatwa n'umuryango, ababyeyi bakamenya ko icyemezo cyose gikwiye gufatwa hitawe ku nyungu z'umwana.

## Bitarenze mu 2020, Komite Nyafurika y'impuguke ku burenganzira n'imibereho myiza y'umwana:

- Ikwiye guha agaciro ibitekerezo by'abana n'iby'urubyiruko mu gukurikirana uruhare n'ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano;
- Igomba kuba yarashyizeho amahuriro afasha abana kugira uruhare mu gukurikirana iyi Gahunda.


Umwanakuisonga Umwanakuisonga www.cuirwanda.org
cuirwanda@gmail.com +250 788319614



**GAHUNDA NYAFURIKA Y'ABANA KUGEZA 2040.**
**AFURIKA IBEREYE ABANA.**

P.O.Box 6549(Kigali Gasabo)
E-mail:cuirwanda@gmail.com
Tel:+250 788 319 614
www.cuirwanda.com